ISHULI RITO RYA BIBILIYA

ABALEWI, KUBARA, GUTEGEKA KWA KABIRI NA YOSUWA

IGICE CYA 1

IGITABO CY'ABALEWI

Abantu benshi basoma Bibiliya basanga igitabo cy'Abalewi ari igitabo kiruhije cyane. Basanga bitaryoshye gusoma amabwiriza y'ihema ry'ibonaniro ryo mu butayu muri kimwe cya gatatu cya nyuma cy'igitabo cyo Kuva. Iyo bageze ku gitabo cy'Abalewi, batakaza imbaraga zo gusoma Bibiliya yose.

Abalewi bari abatambyi b'Abaheburayo. Kugira ngo usobanukirwe "Ihema ry'ibonaniro ryo mu butayu," aho batambyi bari bashinzwe gutambira ibitambo, amaturo n'ibindi. Nyuma y'aho, urusengero rwa Salomo rwari rugezweho, rwubatswe ku mabwiriza asa n'ayahawe Mose igihe hubakagwa ihemo ry'ibonaniro.

Kimwe mu bintu bigaragara kuri iryo hema ry'ibonaniro ni uko ryari riteretse hagati y'inkambi igihe iyi miryango cumi n'ibiri yambukaga bakanazenguruka ubutayu mu gihe cy'imyaka mirongo ine. Kuba ihemo ry'ibonaniro ryarashyizwe hagati mu nkambi hari icyo bigaragaza. Itegeko rya mbere rivuga ko Imana igomba kuba iya mbere. Ibyanditswe bitwigisha ko Imana igomba kuba ishingiro, hagati y'ubuzima bwacu bwose, ibyo bigaragazwa cyangwa byerekanwa

nuko ihema ry'ibonaniro ryari hagati y'inkambi yabo. Yenda icyo twakwitegereza cy'ingenzi kuri iryo hema ry'ibonaniro ni uko Imana yabaga muri ako gahema gato. Tubwirwa ko igihe Mose yarangizaga kubaka iryo hema ry'ibonaniro ukubaho n'ubwiza bw'Imana byaje bikuzura imbere mu ihema, hari hazwi nk'ahera, bigaragaza uburyo umwuka wera yuzura abizera muri iki gihe.

Igihe Abisirayeli bambukaga ubutayu, igicu cyari gitwikiriye ihema cyarabayoboye. Igicu cyabayoboye muri ubu buryo. Abantu bashoboraga kuza mu ihema bashaka kubabarirwa, kuramya cyangwa gushaka icyerekezo.

KUBAKA IHEMA

Noneho ubwo tumaze gusobanukirwa intego y'ihema ry'ibonaniro, reka turebe mu buryo bwimbitse inyubako yayo. Iri hema ry'ibonaniro ryari rizengurutswe n'inkike ikozwe mu ihema. Ahantu h'imbere muri iyo nkike hitwa mu bikari. Nyuma, mu bikari byo mu rusengero rwa salomo byari bigari (byarengaga hegitari 5,5). Ariko muri iri hema ry'ibonaniro rya mbere ibikari byaryo ntibyari binini.

Mu ihema ry'ibonaniro habagamo ibikoresho byari ingenzi cyane. Ni ingenzi cyane kumenya ko ibikoresho byose byagiraga aho gufata. Ibi byari ngombwa kuko byagombaga guterurwa byose mu gihe babaga bazerera mu butayu.

Mu ihema ry'ibonaniro habagamo ibikoresho byari ingenzi cyane. Ni ingenzi kumenya ibikoresho byose byagiraga aho gufata. Ibi byari ngombwa kuko byagombaga guterurwa byose mu gihe babaga bazerera mu butayu.

Igikoresho cya mbere cyabaga mu bikari, imbere y'irembo, cyitwaga igicaniro cy'umuringa. Iki gicaniro cyasaga n'icyokezo cy'amakara kinini, icyo gicaniro cyahoraga cyaka buri gihe. Iyo umunyabyaha yegeraga iryo hema ashaka kubabarirwa ibyaha bye, yashyirwaga mu irembo ry'igikari n'umutambyi. Hanyuma itungo yabaga yazanye rikabagwa nk'uko amabwiriza yatanzwe mu Abalewi ari. Nyuma y'aho, iryo tungo rigashyirwa ku gicaniro cy'umuringa n'umutambyi. Uwo munyabyaha yagumaga ku irembo ry'igikari.

Ntiyigeraga akandagira ahatwikiriye h'ihema ry'ibonaniro. Umutambyi yamara gushyira iryo tungo ku gicaniro cy'umuringa, mu gihe umwotsi w'igitambo

wabaga urimo kuzamuka ujya ku Mana, umutambyi yakomerezaga ku gikoresho gikurikiyeho, cyitwaga uruhimbi cyasaga n'igikarabiro, aho niho umutambyi yiyerezaga mu buryo bw'umuhango mu cyimbo cy'umunyabyaha, wabaga wasigaye ku irembo ry'igikari.

Ihema ry'ibonaniro, ryari rigabanijemo ibyumba bibiri. Icyumba cyo hanze cyitwaga ahera, aho habagaho umwenda wijimye cyane utarabonerwagamo wagabanyaga aha hera n'icyumba cy'imbere, ari ho hitwaga ahera h'ahera. Ahera h'ahera niho Imana yaturaga. Uyu mwenda wari ukozwe mu gitambaro gikomeye cyane. Yozefa atubwira ko amatsinda y'amafarashi menshi akururira mu byerekezo bitandukanye atashobora kuwuca. Umwenda wari mu rusengero rwubatswe na Salomo wari mugari cyane kandi wasaga n'irido rikoreshwa mu mazu y'ikinamico.

Tubwirwa mu butumwa bwiza ko Yesu akimara gupfira ku musaraba uwo mwenda wakingiraga ahera h'ahera watabutsemo kuva ku mutwe kugeza hasi (Mariko 15:38). Icyo ni kimwe mu bitangaza bikomeye biri muri Bibiliya kandi ni kimwe mu bitavugwa kenshi.

Mu ihema ry'ibonaniro habagamo ibikoresho by'ubwoko bune. Nyuma yo kwiyeza mu gikari mu ikarabiro, umutambyi yahitaga ajya mu gice cya mbere cy'ahatwikiriye h'ihema cyangwa ahera.

Ibumoso bwe habagamo igitereko cy'itabaza cyari ingenzi cyane. Cyamenyeshaga ihishurirwa Imana yari yarahaye ubwoko bwayo ubwo yabahaga Ijambo ry'Imana kandi iri hishurirwa ryaberekaga uko begera Imana. Umutambyi rero yatambiraga imbere y'icyo gitereko cy'itabaza akanashimira Imana kubw'ishurirwa yahaye ubwoko bw'Imana n'uwo munyabyaha wabaga ari aho hanze ku irembo mu bikari.

Iburyo habaga ameza ariho umutsima. Intego yayo yari ukwibutsa umutambyi icyo manu yamenyeshaga, ko Imana iduha ifunguro rya buri munsi.

Imbere y'umwenda wakingirizaga Ahera cyane habagaho igicaniro cy'umubavu. Ku gicaniro cy'umubavu, umutambyi yarahagararaga maze agasenga isengesho ryo kwingingira umunyabyaha wabaga yasigaye hanze. Umutambyi akagera kure, maze akagaruka agahura n'undi munyabyaha agakora nk'ibyo yakoze mbere.

Rimwe mu mwaka abantu bose bateraniraga iruhande rw'ihema ry'ibonaniro. Kuri ubu, umutambyi mukuru yanyuraga muri wa mwenda akinjira Ahera h'Ahera maze agatamba igitambo cy'amaraso ku bw'ibyaha byabo bantu bose. Mu gihe tureba iri hema ry'ibonaniro, dukeneye kumenya ko buri gikoresho cyose cyari kirimo cyamenyeshaga ishusho ya Yesu Kristo. Kuba ibyo ari uko bimeze, reka turebe buri gikoresho ukwa cyo mu buryo bwimbitse.

Ibikoresho byo mu ihema

Igicaniro cy'umuringa mu by'ukuri kibwiriza inkuru nziza y'Isezerano Rishya. Amatungo yose yatambirwaga ku gicaniro cy'umuringa kandi ibitambo by'amatungo byose byasohowe intego ya byo igihe Yesu yapfiraga ku musaraba. Iki gicaniro cy'umuringa kitubwira gitya: "Kuko ukurikije amategeko ibintu hafi ya byose byezwa n'amaraso, kandi amaraso atamenetse ntihabaho kubabarirwa ibyaha."(Reba Abaheburayo 9:22)

Igikoresho cyo mu ihema ry'ibonaniro cyitwa igikarabiro, aho umutambyi yiyerezaga mbere yuko yinjira ahera, kitubwira icyo ibyanditswe bivuga ahantu henshi. "*Ni nde uzazamuka umusozi w'Uwiteka. Ni nde uzahagarara ahera he? Ni ufite amaboko atanduye n'umutima uboneye*."(Zaburi 24:4).

Gusabana n'Imana ni yo yari intego ya mbere mu ihema ry'ibonaniro. Ikintu cyose cyagenderaga muri icyo cyerekezo. Kandi muri Bibiliya, gusabana n'Imana bisanishwa kenshi n'ibyo kurya. Igikarabiro kitubwira icyo ababyeyi bacu batubwiraga igihe twari tukiri abana, baratubwiraga bati: "Banza ukarabe intoki mbere y'uko uza ku meza." Iyeze mbere y'uko uza ku meza, mbere yuko usabana n'Imana. Ugomba kozwa, ugomba kwezwa. Ubwo ni bwo bwari ubutumwa bw'igikarabiro.

Igihe umutambyi yahagararaga imbere y'igitereko cy'itabaza cy'izahabu, yabaga yemera ko Imana ari yo soko y'iki gitabo turimo kwiga muri iyi nyigisho ya Bibiliya. Yabaga yemeza ko Ijambo ry'Imana ari ryo rituyobora. Yabaga aramya ndetse ashimira Imana kubwo guha wa munyabyaha wabaga uri ku irembo ihishurirwa ry'uburyo yakizwa n'uburyo yakwegera Imana yera ayiramya.

Nk'uko bigaragara hejuru, umutsima wo ku meza ugaragaza ko Imana ari yo yita ku bwoko bwayo ikanahaza kwifuza kwabo.

Birumvikana ko Imana itajya ishaka ko duhusha kumenya ko ari yo soko yo kubaho kwacu. Irashaka ko tuyizera tukanayishaka muri buri cyifuzo dufite, mu by'umubiri, mu marangamutima, mu mitekerereze ndetse no mu mwuka.

Reka turebe ku gicaniro cy'umubavu. Igihe umutambyi yahagararaga imbere y'iki gicaniro, yasengeraga umunyabyaha wari ku irembo ryo mu bikari. Akora ibyo yabaga ari ishusho ya Yesu Kristo, umutambyi mukuru wacu, utwingingira imbere ya Data.

Mu magambo make

Ikintu cyose cyabaga muri iryo hema ry'ibonaniro cyamenyeshaga Yesu Kristo. Ni we mucyo w'isi, ni we mutsima w'ubugingo, ni we gitambo cyacu gitunganye. Ni we uza akatwereza mu gikarabiro. Mu by'ukuri muri iryo hema ry'ibonaniro ubonamo ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo. Iyo usobanukiwe ihema ry'ibonaniro nibwo wagira ibyiringiro byo gusobanukirwa igitabo cy'Abalewi kuko igitabo cy'Abalewi cyari igikoresho umutambyi yakoreshaga igihe yakoraga imihango mu ihema ry'ibonaniro. Ese uzi uyu Yesu udushushanyirizwa muri iri hema ryerya?

IGICE CYA KABIRI

IGICANIRO CYA NONE

Mu gitabo cy'Itangiriro, dusoma ko igihe umuntu yakoraga icyaha ingaruka ya mbere yahuye nayo ari ubutane hagati y'Imana n'umuntu. Igisubizo cy'iki kibazo cy'ibanze, kunga ubwo butane, ni cyo mu by'ukuri Bibiliya ivuga kandi icyo ni cyo iki gicaniro cyo mu butayu cyari kimaze.

Nonese kuki tutagitamba ibitambo by'amatungo muri iki gihe? Ni uko ibyo Imana isaba byahindutse. Nitugera mu gitabo cy'Ababeburayo tuzagira byinshi tuvuga byerekeranye n'ibi. Ariko mu ncamake, Ababeburayo igice cya 9 havuga ko iri hema ry'ibonaniro ryari ikimenyetso cy'ikindi gicaniro kibaho mu rwego rwo mu mwuka. Igicaniro Imana yabwiye Mose kubaka cyaragaragaraga, cyavugaga ibifatika ku isi cy'ibidafatika mu gicaniro kivugwa mu Ababeburayo igice cya 9.

Mwibuke, igihe Yesu yapfaga ku musaraba, umwenda wakingirizaga ahera cyane wo mu rusengero rwa Salomo watabutsemo kuva ku mutwe kugeza hasi. Kandi mukomeze mwibuka ko, rimwe mu mwaka umutambyi mukuru yajyaga Ahera h'Ahera ahajyana amaraso

kugira ngo atwikire ibyaha by'abantu bose. Muri ubwo buryo, igihe Yesu yapfaga ku musaraba yahindutse umutambyi mukuru kandi mu ijuru yanyuze mu gitambo cy'igicaniro cyo mu ijuru. Ku gicaniro cy'umuringa, mu gicaniro cyo mu ijuru, yatambye urupfu rwe nko gusohozwa kw'ibitambo byose by'amatungo. Yagiye ku gikarabiro maze atuma kwizera Uwiteka bishoboka.

Mbere y'urupfu rwa Yesu, umunyabyaha ntiyabashaga kwegera Imana. Umutambyi ni we wegeraga Imana akingingira abanyabyaha. Ariko ibyo byose byarangiye igihe Yesu Kristo yapfaga ku musaraba. Igihe Yesu Kristo yapfaga ku musaraba, yatumye bishobokera jyewe nawe kujya imbere y'Imana. Irindi shyira mu ngiro ry'ingenzi ni uko imibiri ari insengero z'Imana. Pawulo yanditse ati: "*Ntimuzi yuko imibiri yanyu ari ingingo za Kristo? Umuntu utsemba urusengero rw'Imana, Imana nayo izamutsemba, kuko urusengero rwayo rurera kandi icyo ni cyo muri*." Intumwa Pawulo yageragezaga gukwiza uku kuri mu bakristo bari barabaswe n'icyaha cy'umusambanyi. Imibiri yanyu yaremewe Imana. Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z'umwuka wera, n'Imana ikaba iba muri mwe?"(Abakorinto 6:15-20)

Mu Abakolosayi 1:27, hatubwira hatya: "*Abo Imana yishimiye kumenyesha ubutunzi bw'ubwiza bw'ubwo bwiru bwageze mu banyamahanga, ari bwo Kristo uri muri mwe, ari byo byiringiro by'ubwiza*." Kristo muri wowe ni igitangaza, bivuze ko kubaho kw'Imana kuba muri wowe, kandi bivuze ko ufite byose bisabwa kugira ngo ubeho uko Imana yaguhamagariye kubaho.

Reka noneho dutekereze kuri iyi shusho nziza ijyanye n'ihema ry'ibonaniro mu buzima bwacu. Nujya ubyuka mu gitondo, ndagushishikariza cyane kujya ugira umwanya wo guturiza imbere y'Imana, umwanya wo kuramya Imana, umwanya wo kuba mu kubaho kw'Imana mbere y'uko usohoka ukajya mu isi kubaho ubuzima bwawe uwo munsi. Mu gihe urimo kubikora, ugerageze gutekereza mu buryo bwawe uri mw'ihema ry'ibonaniro. Ibaze urimo kuzamuka ku gicaniro cy'umuringa maze uzi inkuru nziza y'uko Yesu Kristo yabaye umwana w'Intama w'Imana wapfiriye ku musaraba ku bw'ibyaha byawe. Niba utarigera wizera Kristo kugira ngo ubabarirwe ibyaha, bikore nonaha. Maze ushime Imana ku bwo kukubabarira ku musaraba wa Yesu kandi wemeze ukwemera ko ari we wabaye igitambo gitunganye cyatambiwe ibyaha byawe. Noneho wibaze

urimo kujya ku gikarabiro aho ukeneye kozwa ibiganza n'ibirenge byawe, aho ukeneye uko kwezwa guhoraho. Ese haba hari ibintu mu buzima bwawe byanduye, kandi bitanezeza Imana? Byaturire Imana uhindukire ubivemo maze wezwe. Maze, winjire ahera uhagarare imbere y'igitereko cy'itabaza. Ushime Imana kubw'ihishurirwa, ushime Imana ko itagusize mu mwijima ahubwo ikaguha ubuzima n'agakiza, ushime Imana ku bw'ijambo ry'Imana.

Maze wibone uhagaze imbere y'ameza y'umutsima maze uyishimire ku bwo gusubiza ibyifuzo byawe byose. Umenye ko ari yo soko ya buri gace k'umutsima ndetse na buri kintu cyose ufite ndetse n'uburyo bwose ibyifuzo byawe bisubizwa. Umenye ko ari yo isubiza ibyo byifuzo byawe byose kandi ubimenye ushima. Hanyuma, mu gihe utekereza ku gicaniro cy'umubavu, utekereze ku gitangaza cy'isengesho. Maze ufate umwanya wo gusengera buri kantu kose ukeneye ndetse n'ibibazo ufite kuri uwo munsi.

Maze, mu gihe utekereza ku hera h'ahera, reka ibyo biguhigire kwibuka ko nta cyiza kibaho nko kubaho kwera kw'Imana. Wibuke ko umwuka w'Imana aba muri twe kandi ko twaba mu kubaho kw'Imana aho twaba turi hose. Ntidukeneye umutambyi utugira imbere y'Imana ntibitugomba kunyura mu mikorere yo mu ihema ry'ibonaniro kuko igihe Yesu yapfaga ku musaraba yatumye bidushobokera kujya imbere y'Imana nta nkomyi.

Tubona ikoreshwa ryinshi ry'iri hema ry'ibonaniro ryo mu butayu. Dore iry'ingenzi ni iri. Bishobokera umugore cyangwa umugabo w'umunyabyaha kwegera Imana yacu yera ndetse kuza mu kubaho kwa yo binyuze mu nzira nshya kandi nzima yashoboreshejwe na Yesu Kristo umwami wacu.

Iyo tumenye icyo Imana yagombaga gukora kugira ngo ibi bishoboke, watekereza abantu bari kuba bahungira mu kubaho kwa yo. Ariko se kuki atari uko bimeze? Ese wari wigera uza mu kubaho kw'Imana yawe yera? Yesu yaravuze ati: "*Ni jye nzira, ukuri n'ubugingo, nta ujya kwa Data ntamujyanye*." (Yohana14:6) Tubona iki cyanditswe gikomeye cy'ubutumwa bwiza gishushanywa mu ihema ry'ibonaniro. Imana irashaka guhura nawe maze ikagira ubuzima bwawe ihema ryayo.

IGICE CYA 3

ICYO IBITAMBO BYARI BIVUZE

Noneho ubwo hari icyo tumaze kumenya ku ihema ry'ibonaniro, twiteguye kwiga iki gitabo cy'Abalewi. Iki gitabo ni agatabo k'umutambyi kagendanwa. Ni igitabo kirimo amabwiriza yose agendanye n'uburyo babaga itungo, icyo wakoresha inyama zo mu nda na buri kintu cyose kiva ku itungo. Ibyo bishobora kuba bitaryoshye nka Zaburi ya 23 cyangwa I Abakorinto 13, ariko ntiwumve ko nta kuri ko mu mwuka kurimo cyangwa ikoreshwa rya byo wakunguka muri iki gitabo cy'Abalewi. Iki gitabo gifite ukuri kwinshi muri cyo kandi nagira ngo ngire kumwe ngutungira urutoki muri iki gitabo.

Ibice bikigize

Ugomba gusobanukirwa ko iki gitabo cy'umutambyi kigabanijemo ibice byinshi. Ibice birindwi bya mbere by'iki gitabo byibanda ku bitambo. Bibwira umutambyi neza icyo gukora mu gihe ategura ibi bitambo, kandi bisobanura neza umumaro w'ibi bitambo.

Kuva ku gice cya munani ukageza ku gice cya cumi, hibandwa ku bakozi cyangwa abatambyi ubwabo. Amabwiriza ari muri iki gice agaragaza abo abatambyi bagombaga kuba bo ndetse n'urwego abatambyi bagombaga kurinda. Hari ukuri kwinshi kwiza muri ibi bice twashyira mu ngiro mu buzima bwacu.

Umutima w'iki gitabo ubonwa mu bice bya 11 kugeza 22. Nita iki gice cy'igitabo "ukwezwa." Ihema ry'ibonaniro ndetse n'abatambyi bayoboraga imihango byagaragazaga imihango y'Imana ibwira isi yose ko ubwoko bwatoranijwe bw'Imana ari ubwoko bwera kuko Imana yabo yari iyera. Muri ibi bice, hashimangirwa ko aba bantu batoranirijwe kuba abatandukanye n'andi moko. Ijambo "KWERA" risobanuye "icy'Imana." Aba batambyi bagombaga kubaho nk'abantu b'Imana.

Kuva ku gice cya 23 kugeza ku cya 25 ubona icyo nita "Imihango." Mu myizerere y'Abayuda, harimo iminsi myishi yezwa, kandi uzayisanga yanditse mu bitabo bya mbere bya Bibiliya kuva aba batambyi ari bo bagombaga kuyobora imihango muri iyo minsi yezwa ndetse n'Imihango yera, bakeneraga amabwiriza ajyanye n'uburyo bwo kubikora.

Nugera kuri iki gice cy'Abalewi, wibaze iki kibazo: ni iki Imana yashakaga ko abatambyi bibuka igihe yashyiragaho umunsi wera, nka Pasika? Hanyuma wongere wibaze iki kibazo: kuki Imana yashakaga ko umutambyi abyibuka?

ISHYIRWA MU NGIRO

Ibice bya nyuma by'igitabo cy'Abalewi mbyita "kwiyegurira." Igitabo cy'Abalewi, igitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri ndetse n'igitabo cya Yosuwa bisozanya inyigisho zikomeye zo gushyira mu ngiro. Byose byanzurana ugukomeza kubaha amategeko y'Imana no kuba abera ku ubwoko bw'Imana. Guhugura kuboneka ku musozo w'iki gitabo cy'Abalewi bituma ibi bice bya nyuma by'iki gitabo biba ibice bikomeye. Mose yavuze ko yavugaga uburimi cyangwa ntiyashoboraga gutondekanya amagambo neza ariko byageze aho aba intyoza.

Ukuri ko mu mwuka, k'umuntu ku giti cye.

Reka noneho turebe ku migisha yo mu mwuka wabona mu gitabo cy'Abalewi. Turatangirira mu gice cya mbere "Ibitambo." Ibice birindwi bya mbere by'iki gitabo bifite ukuri kwiza kujyanye n'uburyo abatambyi babwiwe gutambira Imana ibitambo. Urugero iyo umunyabyaha yamanukaga ku ihema ry'ibonaniro ashaka kubabwira, umutambyi yamusanganga ku irembo. Umutambyi yamuhaga amabwiriza hakurikijwe igitambo umunyabyaha yari agiye gutanga. Byiyongeye ku nshingano zabo, abatambyi bari n'abigisha b'ubwoko bw'Imana. Mu gihe umunyabyaha yatambaga igitambo, umutambyi yabwiraga uwo munyabyaha kurambika ikiganza cye ku mutwe w'iryo tungo kugira ngo urupfu umunyabyaha yari akwiriye kubw'ibyaha bye rujye kuri iryo tungo maze umunyabyaha agakira. Aha niho dukura ijambo 'umucunguzi." Uwo ni wo wari umumaro w'iryo tungo.

Na none mu gihe usoma iki gitabo, uzabona ko hari igihe ubwo igihugu cyose cyacumuraga maze bigasaba ko habaho ukwihana kw'igihugu. Iyo bamenyaga ko barangije, bagombaga gutanga ikimasa nk'igitambo cy'ibyaha. Bagombaga kukizana mu ihema, aho abayobozi b'igihugu bari burambike ibiganza byabo ku mutwe w'itungo maze bakaribagira imbere y'Uwiteka. Maze bagakurikiza uburyo ibintu bikorwa nk'uko bakabikoze ku gitambo cy'icyaha gisanzwe. Muri ubu buryo, abatambyi batambiraga igihugu cyose. Ese icyo nticyaba ikintu cyiza igihugu cyakora muri iki gihe?

Kwihana ku rwego rw'igihugu cyaba igikorwa gihebuje mu gihugu cyanjye. Iki gikorwa cyanditse mu gitabo cy'Abalewi.

Aba batambyi bagombaga kuba ari abagabo basizwe, bivuze ko bagombaga kuba ari abagabo babaga bayobowe n'Umwuka wera. Mu kugaragaza ibyo, amaraso y'igitambo yaminjagirwaga ku matwi, ku biganza ndetse no ku ino rinini ry'iburyo by'umutambyi. Ibi byabwiraga umutambyi bitya: "ugomba kuba uwera. Ugomba kuyobora ubu bwoko kuba abera. Ikintu cyose wumvise, ikintu cyose ukozeho cyangwa ukoresheje ibiganza byawe ndetse n'ahandi hose ugiye, hagomba kuba hasizwe ndetse hagengwa n'Umwuka Wera.

Mu gitabo cy'Abalewi, uzasangamo kandi urugero rwiza rw'icyo tuba tuvuga iyo tuvuze ko Mose yanditse Yesu igihe yandikaga ibitabo by'amategeko. Mu Isezerano Rishya, igihe Yesu yakizaga umubembe, igihe cyose yabwiraga umubembe wabaga amaze gukira ati: "*Genda wiyereke umutambyi*." Ese kuki yakoraga ibyo? Kuko, mu gitabo cy'Abalewi, usangamo ko abatambyi bahabwaga ayo mabwiriza. Iyo usomye ibice bya nyuma by'iki gitabo cy'Abalewi, usangamo ibyo washyira mu ngiro byinshi mu kubwiriza kwiza kwa Mose. Urugero, hari aho avuga ibyo Imana yavuze iti: "*Nimwumvira amategeko yanjye yose nzabaha imvura, imyaka myinshi, ibiti binagana imbuto, imizabibu izagumya guhisha kugeza ikind gihe cyo kubiba. Muzarya ibyo mwejeje kandi mubeho mu mahoro mu gihugu kandi nzabaha amahoro ndetse muzajya muryama nta bwoba. Muzirukana abanzi banyu kandi bazicwa n'inkota yanyu. Batanu muri mwe bazirukana amajana kandi amajana yanyu azirukana ibihumbi icumi. Muzanesha abanzi banyu bose. Nzagendera muri mwe mbabere Imana namwe muzaba ubwoko bwanjye*."(Abalewi 26:12)

Kandi uzahishurirwa muri iki gitabo cy'Abalewi ko hari ibintu bibujijwe nk'ubutinganyi. Ubutinganyi buhabana n'umugambi w'Imana wo guhuza abantu babyara abandi bakabyara abafatanya bikorwa n'ababyeyi. Ubutinganyi burabujijwe kuko ingaruka zabwo atari nziza. Mose abivuga yeruye. Aciraho iteka ubutinganyi mu buryo bukomeye. Mu gitabo cy'Abalewi kandi Mose aciraho iteka uburozi, ubupfumu, ibyo gukoresha imyuka mibi ndetse n'ibindi byinshi. Amategeko ya Mose yari akomeye kuko ubwoko bw'Abayuda bagombaga kuba bera. Ukwera ni wo musaruro

wa nyuma Imana yifuzaga kwigisha ubwoko bwayo mu gitabo cy'Abalewi.

Ndizera ko iyi ntangiriro ndetse n'incamake y'iki gitabo cy'Abalewi bizatuma ubasha gusoma igitabo cy'Abalewi ku giti cyawe ndetse ugahabwa umugisha mu buryo bukomeye. Wibuke ko igitabo cy'Abalewi cyari igikoresho umutambyi yifashishaga cyamwerekaga uburyo bwo gusiga, abera b'Imana bagombaga kwigisha ubwoko bw'Imana uburyo bwo kwera. "Mube abera kuko ndi uwera, niko Uwiteka avuga." Ubwo ni bwo butumwa bwa njye nawe bwo muri iki gitabo cy'Abalewi.

IGITABO CYO KUBARA

IGICE CYA KANE

URWEGO RWO GUFATA ICYEMEZO

Igitabo cyo Kubara gikomeza inkuru yatangiye mu Itangiriro, iboheranywa mu Kuva kandi irogowa igihe Imana yahaga Mose igitabo cy'imigambi n'amabwiriza byo kubaha Ihema ry'ibonaniro mu butayu. Igihe ubwoko bwa Isirayeli bwakurwaga mu bubata bwo muri Egiputa mu buryo bw'igitangaza, bagombaga kunyura mu butayu bakajya mu gihugu cy'Isezerano cy'Ikanani. Bazengurutse muri ubwo butayu mu gihe cy'imyaka 40!

Tubisanishe n'imvugo ya none, abakristo benshi bakora nkibyo muri iki gihe. Bababariwe igihano cy'ibyaha byabo n'amaraso ya Kristo, ariko ntibabaho mu buryo Imana yagennye. Bacitse intege, ntibanyuzwe, barababaye. Ntibinjiye mu "gihugu cy'isezerano" cyo ubwo buzima bwiza Isezerano Rishya ryita "ubuzima buhoraho." (Yohana 3:15) Nazanywe no kugira ngo intama zibone ubugingo ndetse ngo zibone bwinshi." (Yohana 10:10) Isezerano Rishya ryita iri reme ry'ubuzima, "ubuzima buhoraho."

Igihugu cy'Isezerano cy'Ikanani ni ishusho y'ubu buzima bwiza bw'Isezerano Rishya umukristo agira iyo akijijwe. Ahubwo, bazenguruka kenshi mu butayu. Igitabo cyo kubara kitwigisha iryo somo mu buryo bw'umugani nk'uko bivugwa muri iki gice mu mateka y'ubwoko bw'Abaheburayo.

Urupfu rw'urubyaro

Iki gitabo gikura izina rya cyo ku kuba ubwoko bw'Abaheburayo barabaruwe inshuro ebyiri. Habayeho ibarura ryakozwe mu bice bitatu bya mbere by'iki gitabo habaho

n’irindi ryakozwe mu gice cya makumyabiri na gatanu. Hagati y’ibarura rya mbere n’irya kabiri ubona urupfu rw’urubyaro rwose.

Bitewe no kutagira kwizera, Imana yabwiye Abisirayeli iti: “*Muzagwa muri ubu butayu. Nk’uko iminsi ingana mwatatiyemo icyo gihugu uko ari mirongo ine, umunsi uzahanwa n’umwaka. Ni yo muzamara muriho igihano cyo gukiranirwa kwanyu kwinshi uko imyaka ari mirongo ine, kandi muzamenya ko nabahindutse. Jyewe Uwiteka ndabivuze: sinzabura kugenza ntyo iryo teraniro ribi ryose riteraniye kundwanya. Bazarimbukira muri ubu butayu, ni mo bazapfira.*”(Kubara 14:34-35)

Igihe Abisirayeli bazereraga mu butayu, Imana yongeye kugerageza kubereka ko yari kumwe nabo. Kugira ngo ibahe umusingi wo kwizera, yabakoreye ibitangaza. Muri ubu buryo, yagerageje kubaha ukwizera ko bashobora kwambuka Yorodani bakagera mu gihugu cy’i Kanani.

Ahubwo, bavuye muri Egiputa, bambuka inyanja itukura, bakomeza kuzengurukira ahantu hamwe kumara imyaka 40. Mu gitabo cyo Kutegeka kwa Kabiri tubwirwa ko bifata iminsi cumi n’umwe gusa kuva muri Egiputa ujya i Kanani (Gutegeka kwa Kabiri 1:2)

Mu butayu Imana yabakoreye ibitangaza incuro icumi kugira ngo ibereke ireme ryo kwizera kwabo, ariko bakomeje kuzenguruka. Kenshi baracumuraga bikomeye kugeza ubwo byageze aho bisaba ko Mose aba umutambyi w’umuhanuzi. Yajyaga ku musozi Sinayi nk’umutambyi wabo akabasengeraga atya: “Mana bababarire, ndakwinginze bababarire.” Ibi byabaye incuro icumi kandi izo ncuro cumi Imana yarababariye (Kubara 14:22)

Ku musozi wa Sinayi, Mose yasenze asaba Imana kugaragaza kwihangana ibabarira ibyaha by’ubwoko bwa Isirayeli. Uwiteka yarababariye nk’uko Mose yabisabye ariko Imana iravuga iti: “*Nzageza he kwihanaganira iri teraniro ribi rinyitotombera? Numvise kwitotomba kw’Abisirayeli banyitotombera. Babwire uti “Uwiteka aravuga ati: Ndahiye guhoraho kwanjye yuko ntazabura kubagirira ibyo mwavugiye mu matwi yanjye. Intumbi zanyu zizagwa muri ubu butayu: ababazwe mwese, abamaze imyaka 20 n’abayisigaje mwese mwanyitotombeye.*”(Kubara 14:27-29)

Mbega agahinda kari mu nkambi igihe Mose yatangazaga amakuru avuye ku Mana! Bari bazindutse kare mu gitondo batangiye urugendo rwerekeza mu gihugu cy'isezerano. Bari bazi ko bacumuye, ariko bari biteguye kujya mu gihugu Imana yari yarabasezeranije. Ariko Mose yababwiye ko batinze, kubera ko bari barateye Imana umugongo, n'Imana yari yawubateye.

Iki gice cy'amateka mu buryo bw'umugani hari icyo kitwigisha cyerekeranye n'umubano wacu n'Imana. Yababariye ubwoko bwa Isirayeli, ariko ibyaha byabo byakomeje kuyibabaza. Ni muri ubwo buryo, mu buzima bwacu nta kiruta kubabarirwa. Twararemwe, turongera turemwa binyuze mu gakiza kacu, kugira ngo duhe Imana icyubahiro, tuyikorera ndetse twinjire no muri buri kintu cyose yaduteguriye. Bibiliya ivuga ko hari intego y'agakiza kacu, ubu buzima bw'iki gihugu cya Isirayeli bwo kuzerera mu butayu ntibinjire i Kanani bugaragaza ukuri guhebuje ko natwe byadushobokera guhusha intego y'agakiza kacu muri ubu buzima.

Urwego rwo gufata Icyemezo

Iyo umupilote atwaye indege nini cyane nkiyitwa concorde cyangwa itwara abagenzi 747, hari aho agera atapfa guhagarika indege ahubwo agomba kwiyemeza kuyururutsa. Aho hantu bahita ahantu ho kudasubira inyuma cyangwa "urwego rwo gufata icyemezo". Imana igira kwihangana kutagira iherezo kandi yuzuye ubuntu. Ariko mu gice cya 14 cyo mu Kubara hatubwira icyo twakwita, "urwego rwa gufata icyemezo" mu ngendo zacu zo kwizera. Hari aho tugera mu rugendo rwacu n'Imana tugafata icyemezo cy'uko tugiye cyangwa tutagiye gukora ubushake bw'Imana ku buzima bwacu.

Nubwo Imana izakora ibishoboka ngo itume tubona ndetse dukora ubushake bwayo, hari aho igera ikatureka tugakora ibyo dushaka maze igashaka undi wakora ibyo yageragezaga kuduha ngo dukore. Iyo Imana iduteye umugongo kuko twanze gukora ubushake bwa yo, hari byinshi duhomba, kuko tuba duhushije intego y'agakiza kacu muri ubu buzima. Ntidutakaza agakiza kacu, ahubwo dutakaza amahirwe yo gusohoza iyo ntego yo muri ubu buzima, iyo Imana yadukijije (Abefeso 2:8-10)

Umwe mu miringo ibabaje yo muri iki gice gitangaje cya cumi na kane cyo Kubara ni ya mirongo aho Mose yababwiye ati: "Ubu

mwaratinze! Musubize intwaro zanyu mu bubiko! Mwavuye ku Mana none n'Imana nayo yabavuyeho!

Nta cyiza nk'ubushake bwiza, bwemewe ndetse butunganye bw'Imana kuri bburi muntu mu buzima bwacu (Abaroma 12:1,2). Iki gitabo cyo kubara kivuga ibyo gukora ubwo bushake bw'Imana ku buzima bwacu. Iyo usomye igice cya cumin a kane cy'igitabo cyo kubara, ubonamo ishusho y'urwego rwo gufata icyemezo aho twese dufata icyemezo ko dugiye cyangwa tutagiye gukora ubushake bw'Imana ku buzima bwacu. Nta na rimwe biratinda ko twiyemeza ko tutagiye kuzemguruka ukundi ahubwo twinjire ndetse dutsindire "kanani" Imana yaduteguriye.

IGICE CYA GATANU

IMIGANI IFUNZE

Igitabo cyo Kubara cyuzuyemo insigamigani n'imigani myiza cyane. Intumwa Pawulo yaduhaye urufunguzo rw'inyandiko z'amateka ari muri Bibiliya ubwo yandikaga ati: "*Ibyo byababereyeho kutubera akabarore, kandi byandikiwe kuduhugura twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe.*" (1 Abakorinto 10:11) Ibi bivuze ko tugomba kureba akabarore ndetse n'imbuzi mu gihe dusoma inyandiko z'amateka z'ibyanditswe.

Ijambo Pawulo yakoresheje avuga 'akabarore" ni ijambo ryasemurwa "ubwoko" cyangwa "insanganyamatsiko ntoya" cyangwa "imigani". Iyo tuvuze ko iki gitabo cyuzuye imigani, ntabwo tuba tuvuga ko ibi bintu byabaye mu mateka. Umugani ni inkuru cyangwa ikintu cyabaye gifite ubusobanuro bwimbitse buduha amabwiriza mu buryo bw'imyitwarire cyangwa mu buryo bw'umwuka.

Igicu kiyobora

Mu mirongo isoza yo Kuva dusoma ko igihe Ihema ry'Ibonaniro ryarangiye kubakwa rikamanikwa, habayeho igitangaza gikomeye. Nyuma, urusengero rwa Salomo rwarubatswe hakurikijwe amabwiriza amwe Imana yari yarahaye Mose kw'iyubakwa ry'iri hema ry'ibonaniro ryo mu butayu. Urusengero rwa Salomo rwabaye urusengero ruhoraho kandi rwari rwubakanywe ubwiza n'ibikoresho byiza cyane. Igihe urwo rusengero rwamurikwaga, Umwuka w'Imana, umeze nk'igicu, nawo waraje wuzura urusengero rwa salomo mu buryo bw'imbaraga ku buryo abatambyi basohotse mu rusengero biruka.(I Abami 8:10,11)

Ubwo Mose yumviraga Imana akubaka ihema ry'ibonaniro ryo mu butayu, dusoma ko habayeho igitangaza gikomeye. "Umunsi ubuturo bwera bwashinzwe, cya gicu gitwikira ubwo buturo, ari bwo Hema ry'Ibonaniro, kandi nimugoroba kikaba ku buturo gisa n'umuriro kikageza mu gitondo. Uko ni ko byabaga iminsi yose: cya gicu cyarabutwikiraga, nijoro kigasa n'Umuriro. Kandi uko icyo gicu cyamanukaga kuri iryo Hema, Abisirayeli babonaga kugenda, kandi aho cyahagararaga akaba ariho Abisirayeli babamba amahema. Itegeko ry'Uwiteka ni ryo ryahagurutsaga Abisirayeli, kandi akaba ari ryo ribabambisha amahema.

Igihe cyose icyo gicu cyamaraga ku buturo bwera, bakimaraga aho babambye amahema. Igihe cyose icyo gicu cyamaraga iminsi myinshi ku buturo, Abisirayeli bitonderaga icyo Uwiteka yabihanangirije ntibagende. Ubundi icyo gicu cyamaraga iminsi ku buturo maze itegeko ry'Uwiteka rikabagumisha aho babambye amahema akaba ari ryo ribahagurutsa. Naho yaba iminsi ibiri cyangwa ukwezi cyangwa umwaka, iyo icyo gicu cyatindaga ku buturo bwera kikabugamaho, Abisirayeli bagumaga aho bambaye amahema ntibagende, maze cyabushingwaho bagahaguruka bakagenda. Bagendaga cyangwa ntibagende hakurikijwe itegeko ry'Umwami."(Kubara 9)

Iyi ni inkuru nziza y'iki gitangaza kigaragaza kuyoborwa n'Imana, igitangaza cy'Umwuka Wera muri twe ndetse no gusigwa k'Umwuka Wera ku buzima bwacu. Nyuma, mu Isezerano Rishya, Iryo Hema ry'Ibonaniro rihinduka ishusho y'imibiri yacu, ari yo yahindutse urusengero Umwuka Wera aturamo ndetse agakorera umurimo wa yo w'igitangaza cyo kubyara.

Umwuka Wera aradusiga, akaba muri twe ndetse akatwuzura nk'uko yabikoraga muri iryo Hema ry'Ibonaniro n'urusengero rwa Salomo. Ushobora kwibaza iki kibazo, "Niba iki gicu cyarayoboraga ubwoko bwa Isirayeli, bakumvira bakagikurikira, kuki icyo gicu kitabayoboye ngo bambuke ubutayu, bambuke Yorodani ndetse bakagera mu gihugu cy'amasezerano? Ni gute baba barakurikiraga kuyobora kw'Imana bakaba bari barimo kuzunguruka gusa?

Hano harimo ukuri kw'ingenzi. Imana iha ibiremwa yaremye umundendezo wo guhitamo. Ibi biduha ishusho ya bumwe mu buryo bw'ingenzi cyane Imana yaremyemo umuntu mu ishusho y'umuremyi. Ntizahohotera umudendezo wacu wo guhitamo. Ugize kwizera

tugahamagaza imigisha yose Imana idufitiye tukanemera ubushake bwayo bwiza kandi butunganye ku buzima bwacu, yatuyobora mu gihugu cyacu cy'amasezerano cyo mu mwuka, yadusukaho imigisha maze ikatuyobora mu bushake bwayo ku buzima bwacu.

Ariko nitutizera, ubwo ntituzabona "igihugu cyacu cy'amasezerano" cyo mu mwuka. Yatugize ibiremwa bifite amahitamo, rero hari ukuntu itaduhitiramo gukora ikintu icyo ari cyo cyose. Imana ishobora kutwegamira nk'inzovu. Ishobora kugira byinshi iduha tutabasha kwanga. Rimwe na rimwe, iyo turebye amahitamo yacu, ikintu cyonyine twakora ni ukuyiyegurira maze tugakora ubushake bwayo.

Mu Isezerano Rishya, mu Abaheburayo igice cya gatatu n'icya kane, tubwirwa ko bananiwe kwinjira mu gihugu cy'Amasezerano bitewe no kutizera kwabo. Icyo ni cyo twakwiga kuri iki gicu n'umuriro bitabayoboye ako kanya ngo bahite bambuka ubutayu bagere mu gihugu cy'Amasezerano.

ICYO NI IKI?

Ukundi kuri dusanga mu gitabo cyo Kubara ni inkuru y'inyama na manu. Imana yagaburiye ubwoko bwayo mu buryo ndengakamere na manu. Manu mu giheburayo bivuze "Icyo ni iki?" Ntabwo bari bwigere bamenya icyo cyari cyo ubwo rero bayita "icyo ni iki?" Imana yabagaburiye "icyo ni iki?" mu gihe cy'imyaka 40.

Tubwirwa ko ubwoko bw'Imana bwakomeje kwitotombera Mose. Kubara 11:4-6 haravuga ngo: "Abanyamahanga batandukanye bari hagati y'Abisirayeli batangira kwifuza ibyiza byo muri Egiputa." Hari abandi bantu bavanye muri Egiputa n'Abisirayeli batari Abisirayeli. Bari abanyamahanga nk'Abanyetiyopiya, n'Abanyagiputa. Abanyegiputa bifuje ibyiza byo muri Egiputa. Muri ibi harimo isoma ryacu. Haravuga ngo: "Ibi byongereye ubwoko bwa Isirayeli kutanyurwa maze bararira." Baravuze bati: Ni nde uzaduha inyama zo kurya. Twibutse ya mafi n'ibirungo byose twariraga ubuntu tukiri muri Egiputa." (Kubara 11:4-6)

Muri ubu busobanuro bwimbitse bw'icyanditswe, Egiputa ni ishusho y'ubuzima bwacu bushaje bw'icyaha, ubuzima bwo muri iyi si. Iyo umuntu wabohewe "Egiputa" ahindukiye akavuga ati "oh! Egiputa we," iyi si ni isoko y'umubabaro ku Mana. Muri uyu mwandiko Imana yabwiye

Mose ati: “Bwira abo bantu biyeze, kuko ejo bazabona inyama, babwire ko Uwiteka yumvise kurira kwanyu muririra ibyo mwasize inyuma muri Egiputa.” Icyo ni cyo bibandagaho, si inyama. Imana yavuze ko igiye kubaha inyama kugeza aho bazinyuza mu mazuru yabo. Imana iravuga iti: “Mwaretse Uwiteka, muririra Egiputa.” Icyo ni cyo cy’ingenzi. Nyuma yo kubohererereza izi nyama yanabohererereje ibyago. Ibyo yabikoze kuko aba bantu bararikiye inyama na Egiputa.

Ibyanditswe bivuga ko Imana izaduha ibyifuzo by’imitima yacu. Iryo ni ihumure rikomeye, ariko ni no guhigwa gukomeye. Ese ibyifuzo by’umutima wawe ni ibyo mu mwuka cyangwa ni Egiputa? Imana yahaye Abisirayeli ibyo bayisabye ariko imitima yabo iyishyiramo konda. Zaburi 106:15) Ibyo bishobora kuba kandi nibyo benshi bavuga ko ari abakristo. Turi ibiremwa by’amahitamo. Twabona icyo duhisemo. Iyo duhisemo tungurusuma n’ibitunguru byo muri Egiputa, Imana iduha ibyo dusabye, ariko igashyira mu mitima yacu konda. Uyu mugani uduhiga n’ikibazo Imana yatangiranye ikiganiro natwe mu ngombyi ya Edeni: “*Uri he*?” Ese uracyari muri Egiputa? Ese uri mu gihugu cy’amasezerano? Ese urimo kuzenguruka Egiputa n’i Kanani? Ese uri i Kanani ariko wifuza ibyo muri Egiputa?

ABATASI (Igice cya 13)

Hari igikorwa cyabayeho cy’ukuntu Abisirayeli bohereje abatasi cumi na babiri i Kanani. Aba batasi babwiwe kugira ubumenyi ku gihugu cy’i Kanani, kureba niba imirwa yaho irinzwe cyangwa itarinzwe. Bagombaga kandi kumenya uko abaturage baho bari bameze (besnshi cyangwa bake, bakomeye cyangwa bafite intege nke), kugira ngo bamenye uburyo bikomeye kubanesha.

Abo batasi cumi na babiri bagarutse, bavuze ku kwera cyane kw’icyo gihugu. Bazanye ikibo cyuzuye imizabibu cyari kigari cyane ku buryo byasabye abagabo babiri kucyikorera ku bitugu byabo. Kandi banavuze ko abantu b’aho, bari abasore, abarwanyi, kandi imigi y’i Kanani yari irinzwe mu buryo bukomeye n’inkike ndende zikomeye kandi bubakaga amazu hejuru yazo.

Icumi muri cumi na babiri bari inzobere mu kuvuga “ibihangange.” Nk’uko indirimbo ya kera yabivuze: “Abandi babonye ibihangange Kalebu abona Imana.” Hari umuntu umwe wavuze ko aba batasi cumi na babiri bari

bameze nk'itsinda ry'abakuru b'itorero, abadiyakoni, cyangwa abanyamuryango ba komite cyangwa b'ubuyobozi bw'itorero. Babiri bari bafite kwizera ko kujya i Kanani maze icumi baba abo kubona "ubuhangange" bibanda ku bikomeye.

Kalebu yari azi imbaraga z'imirwa y'i Kanani, ariko nta bwoba yagize. "Kalebu yemeje abo bantu igihe yari ahageze imbere ya Mose. Tuzamuke nonaha tuhahindure, kuko tubasha rwose kuhatsinda."(Kubara 13:29-31) Imana yanejejwe no kwizera kwaba bagabo babiri ku buryo yashakaga kugurana igihugu cyose abantu bari hagati ya miliyoni imwe na miliyoni eshatu ku bwa Kalebu na Yosuwa. Yaravuze iti: "Mwese mugiye kugwa muri ubu butayu maze njyane na kalebu na Yosuwa mu gihugu cy'isezerano kuko baranyizeye." Imana iha agaciro kwizera. Babiri bizera baruta za miliyoni ztizera.

Muri iyi nkuru harimo ugukurikirana gutangaje. Amaherezo, bambutse Yorodani nyuma y'imyaka 40(Yosuwa 14), ubwoko bwa Isirayeli baje mu murwa w'i Heburoni Kalebu yatekerezaga ko Imana izaha Isirayeli imbaraga zo kunesha Heburoni. Mose yanejejwe no kwizera kwa Kalebu ku buryo yarahiye ko Heburoni n'ifatwa, umugi wa Heburoni uzaba uwa Kalebu.

Nyuma yo kuzerera mu butayu mu gihe c'imyaka 40, Kalebu ajya imbere ya Yosuwa wari warasimbuye Mose ku buyobozi nyuma yo gupfa kwe maze amwibutsa amagabo ya Mose. Kalebu yari afite imyaka mirongo inani ariko yari azi ko hamwe no gufashwa n'Imana yashoboraga gufata Heburoni. Yosuwa aha Kalebu umugi wa Heburoni maze Kalebu arawufata. Igihe abandi Bisirayeli bari mu butayu bitotombera Imana kugeza aho ibohereza inzoka kubadoma, Kalebu we ntiyifatanije na bo kwitotomba ahubwo yahanze amaso ye ku gihugu cy'Amasezerano ntiyata inzozi ze.

Abitotombyi n'inzoka zibadoma(Kubara 21)

Imana yanga kwitotomba. Yagaragaje uburyo yanga kwitotomba igihe ubwoko bwa Isirayeli bwitotombaga maze ikohereza inzoka zikabadoma. Maze ubwo benshi muri bo bicwaga n'ubumara bw'inzoka, Imana ibwira Mose gufata inzoka ikoze mu cyuma muringa maze ayimanike hejuru hagati mu nkambi. Maze inkuru nziza isakara mu nkambi yose, ko uwadomwe n'inzoka wese najya hagati mu nkambi akareba kuri ya nzoka y'umuringa imanitse azakira.

Abenshi bari badomwe n'inzoka bashidikanyaga Imana, bibaza uko kureba ku cyuma cy'umuringa byashobora kubakiza ubumara bw'inzoka. Barabyimbaga bagapfa. Ariko hari abandi bafashe icyemezo cy'uko n'ubwo nta cyo bivuze mu buvuzi, kwizera Imana ni byo byari ibyiringiro byonyine bari bafite. Barakambakambaga, bagahekwa bakajyanwa hagati mu nkambi bakareba ya nzoka y'umuringa. Kandi barakiraga!

Tubona ishyira mu ngiro ry'iyi nkuru nziza igihe Yesu yamaraga umugoroba n'umwigisha witwa Nikodemu. Igihe uyu mwigisha ukomeye w'i Yerusalemu yabwiraga Yesu ko yaje kumva icyo avuga kuko yanejejwe n'ibintu yabonye Yesu akora, Yesu yibukije Nikodemu iki gitangaza gikomeye cyo mu Isezerano rya Kera. Hanyuma Yesu agakoresha iki gitangaza kuri we ubwe. Yabwiye Nikodemu ko, nk'uko inzoka yamanitswe kuri cya giti, ni ko Yesu yari buzamanikwe ku musaraba. Abazamureba bose bafite kwizera, bazakizwa ikibazo cy'icyaha nk'uko abadomwe n'inzoka bakijijwe ubumara bwica bw'inzoka (Yohana 3:14-16)

REBA UBEHO

Ese wari wagira uko kwizera? Wari wareba Yesu amanitswe ku musaraba? Washyize ukwizera n'ibyiringiro muri byose Yesu yagukoreye aho ku musaraba? Ni we gisubizo cyacu cyonyine cy'ibyaha byawe kuko yari umwana w'ikinege w'Imana igihe yagupfiraga ku musaraba. Ibyo bivuze ko Yesu Kristo ari we mukiza w'Imana wenyine kandi niwe byiringiro byawe byonyine n'umukiza w'ikibazo cyawe gihoraho cyica n'icyaha.

IGICE CYA GATANDATU

URUTARE N'INKONI (Igice cya 20)

Mu gihe dukomeje kureba ku buzima bwa Mose, birababaje kumenya ko atigeze abona igihugu cy'amasezerano. Icyaha cya Mose ni bumwe mu bwiru bw'iki gitabo cyo kubara. Ibyanditswe bitubwira ko Imana yamubwiye gufata inkoni ye amaze guhuza abantu. Imana yamubwiye kubwira urutare kandi urutare ruzasuka amazi abantu n'amatungo bagashira inyota. Nubwo Mose yashidikanyaga, yakusanyije abo bantu. Yakubise urutare kabiri maze amazi avamo. Abantu n'amatungo yabo babona amazi. Maze Uwiteka abwira Mose na Aroni ati: "*Kuko mutanyizeye ngo mwerekanire kwera kwanjye mu maso y'abana b'Isirayeli, ntimuzajyana iri teraniro mu gihugu mbahaye.*"(Kubara 20:11-13)

Hari ibintu tugomba kureba mu gihe tureba ku gukomera kw'igihano cy'Imana, icya mbere, turi bande babwira Imana ibizima cyangwa icyiza? Imana niyo yonyine imenya ikizima n'icyiza. Mose ntiyigeze yitotombera igihano cye. Mu Gutegeka kwa Kabiri hatubwira ko Imana yari yarababwiye maze Imana imusubiza itya: "Ntuzongere kumbwira iby'iki kibazo ukundi." Mose ntiyigeze abigenera ukundi.

Icya kabiri, Imana ifite urwego rwo hejuru rw'abayobozi kurusha uko ifite urw'abantu basanzwe. Ibyanditswe bigaragaza mu buryo busobanutse urwego rwikubye kabiri, iyo ubaye umunyamuryango w'itorero, hari uburyo guomba kubaho. Ariko itorero nk'uko ibyanditswe bivuga, rigomba kugira ibyo risaba ubuyobozi bwaryo kurusha mu bayoboke cyangwa abakristo ba ryo. Imana ifata ubuyobozi mu buryo bukomeye. Mose yari mu mwanya w'ubuyobozi. Igishobora gusa nk'icyaha gito ku bandi nti cyari gito kuri we bitewe n'uwo yari we ndetse n'umwanya Imana yari yaramushyizemo.

Icyaha cye cyasaga gitya. Mbere na mbere Imana yaramubwiye iti: "*Bwira urwo rutare*." Ntiyabwira urutare, ahubwo yakubise urutare kabiri n'inkoni ye. Uko kwari ukutumvira.

Imana hari ikindi cyaha gikomeye yabaze kuri Mose. Imana yari yarabwiye Mose ko izabana nawe iteka kandi ko ari yo izabohora ubwoko bwayo, maze ikagira Mose igikoresho cy'icyo gitangaza gikomeye. Igitangaza gikomeye cyo kuva cyabayeho kuko Mose yari yaramenye icyo Imana yakora inyuze mu muntu wamenye ko ari nta cyo ari cyo.

Mose yamaze imyaka mirongo ine ku nkengero z'ubutayu yiga aya mabanga yo mu mwuka: "si jye ucungura, ni yo kandi iri kumwe nanjye. Nta muntu n'umwe nabasha gucungura ariko yo yabikora kandi iri kumwe nanjye." Igitangaza gikomeye cyabaye kuko Mose yashoboraga kuvuga igihe byabaye ati: "si jye wabohoye abo bantu, ahubwo ni yo kuko yari kumwe nanjye."

Igihe Mose yabazaga ati: "Tubahe amazi avuye muri uru rutare?" Ntabwo yari arimo guha Imana icyubahiro mu maso y'abo bantu. Ntabwo yari arimo kubigaragaza neza ko yari Imana yakoraga icyo gitangaza. Mose yari arimo kwihimbaza no kwiha icyubahiro ku bw'icyo gitanagaza. Aho ni ho hari icyaha gikomeye cyane cya Mose.

Uburyo bwonyine twabona ibi mu buryo Imana ibibona ni ukumenya ko Imana ifite inzego yishyiriyeho ubwayo. Itubwira nyinshi muri izo nzego, ariko wibuke ko Imana ari yo itwigisha kuba abakiranutsi, sitwe twigisha Imana. Aciriwe urubanza n'inzego z'Imana igihano Mose yahawe cyari cyo. Mose agaragara nk'uwemeranijwe n'Imana. Muri cyo gitangaza cy'inkoni ya Mose hagaragaragamo aya mabanga yo mu mwuka yigiye mu gihuru cyaka umuriro. Tubishyize mu ngiro mu buzima bwacu, harimo ukuri kwimbitse twakwigira ku cyaha Mose yakoze ubwo yakubitaga urwo rutare n'inkoni ye.

GUKONGOKA KWA MOSE

Mu gice cya cumi na kimwe cy'igitabo cyo Kubara hari indi nkuru y'ingenzi ya Mose. Muri iyi minsi twumva cyane ibyo "gukongoka" imvugo ikoreshwa iyo umuntu yageze ku iherezo rye bwite mu buryo bw'umubiri, bw'amarangamutima ndetse no mu bitekerezo. N'abakozi b'Imana bakomeye nabo bararuha ndetse rimwe na rimwe "bagashiririrwa." Hari itandukaniro hagati yo kuruha no "gushiririrwa."

Urugero, muri iki gice cyo mu Kubara, hari aho twumva Mose abwira Imana ati: "Sinabasha kwikorera iki gihugu jyeyine. Umutwaro urandemerereye cyane. Niba ugiye kumfata utyo, ndakwinginze nyicira aha. Waba ungiriye neza. Nkura muri ubu buzima buruhije." (Kubara 23:9-11)

Ese wari wigera wumva umeze utyo? Nsanga ko Mose, Eliya, Yobu, Dawidi intumwa Yohana n'abandi bakozi b'Imana bakomeye bari mu byanditswe bacitse intege cyane kugeza ubwo babwira Imana ko bashaka gupfa." Gushiririrwa biba ku bantu buzuye ubumana. Ibyanditswe bitubwira ko byabaye ku bagabo bakomeye cyane b'Imana bigeze kubaho nka Mose, Eliya, Yona, Yobu n'abandi benshi. Ariko igihe aba bagabo b'Imana bashiririrwaga kugeza n'aho basaba Imana ikintu kitari cyo ko yatwara ubuzima bwabo. Imana yarabasanaga kuko yari izi imitima yabo.

Mose yari azi ko Imana yonyine ari yo yakwikorera umutwaro uremereye cyane wo gukora umurimo wayo ndengakamere. Yize irindi somo ry'ingenzi binyuze mu buzima bwe bwo "Gushiririrwa." Iryo somo ryari ko umurimo w'Imana usaba gukorana.

Yamenye ko n'ubwo Imana yamukoreragamo, atashoboraga kwikorera umutwaro wo gucira Isirayeli imanza wenyine. Uko kunanirwa kwa Mose kwamumenyesheje ibyo, Imana

ishyiraho abo bagabo mirongo irindwi bo kumufasha kwikorera umutwaro. Imana imuha abo bagabo mirongo irindwi n'Umwuka Wera maze bayoborera munsi y'ubuyobozi bwa Mose. Itatse ubuyobozi Mose, Imana igabanya uwo murimo mu bice byinshi maze ishyiraho aba bagabo gukurira ibyo byiciro bitandukanye by'uwo murimo. Abafite impamyabumenyi y'ikirenga yo muri kaminuza mu byo kuyobora mu bucuruzi bakubwira ko intambwe eshanu z'umuyobozi mwiza ari azi: gusesengura, gutegura, gutanga inshingano, kugenzura no kugira ishyaka.

Igihe Mose yasangaga Imana yananiwe cyane, Imana yamubwiye ko ubugingo bwe bwari bukeneye gusanwa. Yeretse Mose inzira zo gukiranuka zizaha ubugingo bwe kuruhuka. Izo nzira zari izo kureba Imana igakora ibyo yo yonyine yakora no kwibuka ko umurimo w'Imana mu bantu ba yo ari umurimo ukorerwa mu itsinda ry'abandi bantu. Ubwo nibwo buryo Imana isana ubwoko bwa yo iyo bananiwe cyane.

Tuba mu isi itihangana kandi dushaka ko ikintu cyose gihita gikorwa ako kanya. Ubundi Imana ntijya iduha ibintu ako kanya. Gusanwa tubona mu buzima bwa Mose byakozwe mu buryo bufatika aho gukemura ikibazo ako kanya, Imana yamweretse uko bategura no guha abandi inshingano kugira ngo bafashe kwikorera imitwaro.

Biratangaje gutekereza ko umugabo ukomeye nka Mose yananirwa cyane. Mose nawe yarananiwe cyane kuko yari umuntu nkawe na njye. Abantu benshi batekereza ko iyo uhindutse umwigishwa wa Yesu, uba utakiri umuntu. Iyo tubonye ubuzima bwa Mose, tumenya ko atari byo. Bibiliya yuzuyemo inkuru z'abantu bakiranye n'imiruho n'igitutu bidufasha guhishurirwa aho intege nke za muntu zigarukira. Batubera icyitegererezo kuko bakoze ibintu bikomeye igihe Umwuka w'Imana yagengaga ubumuntu bwabo.

MU ISHYIRA MU NGIRO

Iyi nkuru ya Mose twayongera ku rutonde rw'abantu bo muri Bibiliya bakuze ubuzima bwabo bugaragaza igitangaza cy'uko Imana yishimira gukora ibintu bihambaye cyane inyuze mu bantu boroheje cyane kuko babonetse. Ubuzima Mose yagiranye n'Imana butwereka ko abantu b'Imana bagomba kumenya ko ubushobozi bukomeye bwa mbere ari ukuboneka cyangwa kuhaba. Ubushobozi bwacu bukomeye ni ukuboneka cyangwa kwiha Imana.

Mu gitabo cyo Kubara tubona gukomera kwa Mose, kunanirwa kwa Mose n'icyaha cya Mose. Imana yakoresheje Mose kuko yari ahari. Imana irashaka gukoresha njye na we kuko duhari. Ese wari wiha Imana? Urashaka kuboneka Imbere y'Imana? Nuko rero, sanga abandi maze ubwire Imana uti: "icyo ari cyo cyose, aho ariho hose kandi igihe icyo ari cyo cyose. Sinitaye ku cyo bintwara. Sinitaye aho byanjyana. Sinitaye ku kiguzi byansaba. Ndahari!

IGITABO CYO GUTEGEKA KWA KABIRI

IGICE CYA KABIRI

ABANA BAKURA

Ijamo "Gutegeka kwa Kabiri" bivuze "Kongera kwandika Itegeko." Ariko gutegeka kwa kabiri kuruta kongera kwandika itegeko. Iki gitabo cyahumetswe cy'amategeko ni n'ikoresha ry'itegeko ry'Imana ku rubyaro rwa kabiri rwatoranijwe n'Imana. Igitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri kandi gikubiyemo ibibwiriza bikomeye byo Mose yabwiriye Abisirayeli mbere y'uko bambuka Yorodani bakajya i Kanani. Umwandiko utangira udufasha gusobanukirwa icyo igitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri kigamije. Tubwirwa ko: "Aya ari amagambo Mose yabwiriye Abisirayeli bose hakurya ya Yorodani mu butayu, muri araba mu burasirazuba bwa Yorodani. Aya magambo yavuzwe nyuma y'imyaka mirongo ine ubu bwoko buvuye ku musozi Horebu. (Gutegeka kwa Kabiri 1:1-3)

Nk'uko twize mu gitabo cyo Kubara, ubwoko bwa Isirayeli bwazengurutse mu butayu mu gihe cy'imyaka mirongo ine. Bari baturutse i Gosheni muri Egiputa, bamanuka umusozi Sinayi bagera i Kadeshi y'i Baruneya. Hanyuma, kuko batari bafite ukwizera ko kwinjira i Kanani,bazengurutse mu butayu mu gihe cy'imyaka mirongo itatu n'umunani. Urubyaro rwose rwarimbukiye muri ubwo butayu!

Amaherezo, abana b'urubyaro rwaguye mu butayu bagize kwizera ko kujya i Kanani. Bari mu mahema mu burasirazuba bwa Yorodani mbere y'uko bagambirira kugenda bakanyura mu mugezi wa Yorodani bakagera i Kanani.Uretse Kalebu na Yosuwa, urubyaro rwose rwari ruriho igihe itegeko ryatangagwa bwa mbere bari barapfuye. Mbere y'uko bagera i Kanani, Mose yashakaga kumenya neza ko na ba bana b'Isirayeli bumvise Ijambo bahawe hamwe n'ababyeyi ba bo ku musozi Sinayi. Yashakaga kubahiga kugira ngo biyemeze kwigisha amategeko y'Imana abana babo. Rimwe na rimwe abizera bazenguruka mu nziga mu gihe cy'imyaka runaka. Iyo bafashe icyemezo cyo gufata "Kanani " yabo yo mu mwuka bakanabona ubuzima muri

Kristo, Kristo yabakirije, iyo bafashe icyemezo cy'uko bashaka kubona ikintu ku Mana, baba biteguye iki gitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri. Iki gitabo cyuzuye amasomo y'umuntu wafashe icyemezo cyo kureba mu buryo bukomeye ubuzima bwe bushya muri Kristo maze akamwiyegurira wese. Niba aho ari ho uri, ubwo rero igitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri ni icyawe.

Indi nsanganyamatsiko y'ingenzi yo mu gitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri ivuga ku ijambo ry'Imana rihinduka ukuri mu bantu ba yo. Muri kimwe mu bibwiriza bikomeye bya Mose, Mose yahize urubyaro rwarimbutse guhererekanya ijambo ry'Imana ku bana ba bo.

IKIBWIRIZWA GIKOMEYE CYA MOSE

Hari abantu batekereza ko Gutegeka kwa Kabiri 6:4-9 ari cyo kibwiriza Mose yabwirije. Uyu mwandiko w'icyanditswe wafashwe nk'ishingiro ryo kwatura ko kwizera kw'Abayuda. Dore ingingo y'ingenzi y'icyo kibwiriza: "*Umva ubwoko bw'Abisirayeli we, Uwiteka Imana yacu niwe Uwiteka wenyine. Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'imbaraga zawe zose. Aya mategeko ngutegeka uyu munsi ahore ku mutima wawe. Ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavuga wicaye mu nzu yawe n'uko ugenda mu nzira n'uko uryame n'uko ubyutse. Uyahambire ku kuboko kwawe akubere ikimenyetso, uyashyire ku ruhanaga rwawe hagati y'amaso yawe. Uyandike ku nkomanizo z'inzu yawe no ku byugarira byawe*."(Gutegeka kwa Kabiri 6:3-10).

Hari icyiyongera kuri iki kibwiriza ariko uwo niwo mutima wa cyo n'umutima w'iki gitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri. Icyo Mose yarimo kubwira aba bantu mbere yuko bambuka Yorodani bakagera Kanani ni uko Imana yari yarabahamagariye kuba ubwoko buyikunda n'ubuzima bwabo bwose. Kugira ngo bayereke ko bayikunda, bagombaga kumvira Ijambo rya yo. Kandi kugira ngo bumvire Ijambo rya yo bagomabaga kumenya Ijambo rya yo. Imana yashakaga ko abana babo baba ubwoko buzayikunda n'ubuzima bwabo bwose, bakamenya kandi bakumvira Ijambo rya yo ndetse bakigisha izo ndangagaciro abana ba bo.

IMFATIRO ENYE ZO KUREBA

Icyo Mose yarimo kubabwira kwari ukwigisha abana kuba ubwoko bw'Imana. Inyigisho isobanura hano na Mose ishingiye ku mfatiro enye. Umusingi wa mbere ni Ijambo ry'Imana. Niba abana bagomba gukunda Imana, ubwo rero umusingi wo kwiga kwabo ugomba kuba ijambo ry'Imana. Ibyanditswe biravuga ngo: "*Menyereza umwana inzira akwiriye kunyuramo, azarinda asaza atarayivamo*."(Imigani 22:6).

Umusingi wa kabiri aho uku kurera gushingiye ni ukugira inshingano. Ese ni nde ufite inshingano yo kurera abana? Hari abantu batekereza ko inshingano yo kurera abana ifitwe na leta. Bashaka amashuli ya leta maze bagatekereza ko leta igomba kwigisha abana babo ibyo bagomba kumenya. Abandi bavuga ko ari inshingano y'itorero. Batwara abana babo mu ishuli ry'abana ryo ku cyumweru buri cyumweru batekereza ko itorero rizabigisha gukunda Imana n'ijambo ryayo.

Mose yashyize inshingano y'uburere bw'abana ku bitugu by'ababyeyi ba bo asaba ababyeyi gushyira Ijambo ry'Imana mu mitima ya bo hanyuma bakigisha abana babo. Mose yabwiwe ko umubyeyi agomba kwigisha umwana we ibyanditswe. Ibyanditswe bizaguma bishimangira aya mahitamo.

Umusingi wa gatatu ubu burezi bushingiraho ni umubano. Mose yaravuze ati: "Nubyuka mu gitondo uri kumwe na bo, niwicara mu nzu hamwe na bo, nugenda mu nzira, nuryama, ujye ubigisha amagambo y'Uwiteka." (Gutegeka kwa Kabiri 6:7). Ababyeyi benshi batekereza ko ibi bidashoboka, kuko baba batari mu rugo igihe abana babo babyutse n'igihe bagiye kuryama.

Ni iby'ingenzi gusesengura umuco wawe bwite hakurikijwe ibyanditswe aho kugira ngo usesengure ibyanditswe hashingiwe ku muco wawe bwite. Ni muri ubu buryo, Bibiliya itagombye gusesengurwa hashingiwe kuri gahunda washyizeho y'akazi kawe. Gahunda y'akazi kawe yagombye gusobanurwa hakurikijwe ibi byanditswe. Ikibwiriza cyiza cya Mose kirimo kutubwira ko kugira umubano n'abana bacu bizarema umuco ukomeye w'imiryango yacu. Nta kuntu wakurikira icyerekezo cya Mose ntugire umubano n'abana bawe. Uwo mubano ni igicu cy'ingenzi cy'ubwo burezi.

Umusingi wa kane ubu burere bw'abana bushingiyeho, ni cyo nita ukuri. Itegereze icyo Mose yavuze hano: "Aya magambo abe mu mutima wawe. Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, hanyuma wigishe aya magambo abana bawe "uko kuri kw'ingenzi ntukaguhombe." Abana bacu bigira byinshi ku cyo turi cyo, bagakora byinshi babikuye mu byo tuvuga.

Yesu yaravuze ati: "Nyereka ubutunzi bwawe, uzaba unyeretse indangagaciro zawe izo ari zo. Nyereka indangagaciro zawe, uzaba unyeretse aho umutima wawe uri." (Matayo 6:20-22). Mu mvugo yeruye icyo bivuze ni iki: Nyereka aho amafaranga yawe ajya n'uburyo uyakoresha,nanjye ndakwereka aho umutima wawe uri. Abana bacu bigira byinshi mu kureba uko tubayeho kurusha kumva ibintu tubigisha byerekeranye n'indangagaciro z'imiryango yacu. Ibyo twigisha abana bacu ntabwo biri mu nyigisho zacu. Imfatiro enye aho inyigisho

ya Mose ku burere bw'abana zishingiye ni izi: Ijambo, ubunyenshingano, Umubano n'ukuri.

IGICE CYA MUNANI

URWIBUTSO RW'IBITANGAZA

Mu gitabo cyose cyo Gutegeka kwa Kabiri harimo ishimangira rikomeye ku mumaro wo kumvira Ijambo ry'Imana. Iyo Isirayeli yumviraga amategeko y'Imana, Imana yabahaga umugisha. Iyo batubahaga amategeko y'Imana ntibabonaga umugisha w'Imana. Mose agaragaza ibyo mu buryo bweruye kandi anabwiriza ko bagomba kumvira ijambo ry'Imana. Rimwe mu magambo y'ingenzi yo muri iki gitabo ni ijambo "kumvira." Intego nyamukuru y'ikibwiriza cya mbere cya Mose cyo mu Gutegeka kwa Kabiri kwari ugufasha aba Baheburayo kwibuka uburyo Imana yakoze mu buzima bw'ababyeyi ba bo no kwibuka ibitangaza Imana yakoze. Mose yiringiraga ko ibitangaza Imana yakoze mu rugendo rwo mu butayu ibikorera ababyeyi ba bo bizagira icyo bizabungura gihoraho ku buzima bw'uru rubyaro ndetse bakabwira abana ba bo ibyo bitangaza.

Mose yababwirije abahata ko batagomba kuzigera bica isezerano rya bo n'Imana. Isezerano ni indahiro iba hagati y'Imana n'abantu ba yo. Ibigize iyo ndahiro biravugwa. Abantu iyo batubahirije ibigize isezerano, nta sezerano riba rihari. Imana nta nshingano ifite yo kubaha umugisha mu gihe batumviye. Igice cya gatanu gisubiramo amategeko cumi. Gereranya uburyo amategeko yo mu Kuva yavuzwe (igice cya 20) n'amategeko yo mu Gutegeka kwa Kabiri. Nugereranya iyi myandikire ibiri y'amategeko witonze, uzunguka ibitekerezo bishya muri aya mategeko y'Imana. Muri iri subiramo ry'amategeko, Mose arimo kubwira Abaheburayo kugira imitima yeguriwe Imana ndetse no kumvira amategeko ya yo. Nibakora ibyo, byose bizabagendekera neza mu minsi iri imbere hamwe n'abana ba bo kugeza ku binyejana byose.

Mu gitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri Mose yabwirije abantu atya: "Wa bwoko bw'Abisirayeli we, ceceka wumve: uyu munsi uhindutse ubwoko bw'Uwiteka Imana yawe, ni cyo gituma ukwiriye kumvira Uwiteka Imana yawe, ukitondera amategeko y'Uwiteka y'uburyo bwose, ngutegeka uyu munsi."(Gutegeka kwa kabiri 27:9-11). Ikibwiriza cya Mose mu gice cya gatandatu, ari cyo cyahindutse ireme ryo kwizera kw'Abayuda, cyitwa "Shema" bisobanuye "kumva" mu Giheburayo, kuko iki kibwiriza kwari uguhiga urubyaro rwa kabiri rw'ubwoko bw'Imana guhererekanya ijambo ry'Imana ku bana ba bo ari rwo rubyaro rwa gatatu rw'ubwoko bwa Isirayeli. Tubona

ibyanditswe Mose yandikiye ababyeyi ku kurera abana muri iki kibwiriza cyiza cya Mose.

Igice cya Munani cyo Gutegeka kwa Kabiri kiduha ikindi kibwiriza cya Mose gityaye ndetse cyimbitse. Iki ni ikibwiriza kivuga ku mumaro wo kumvira ijambo ry'Imana. Hano Mose atwereka na none uko twakwiga ijambo ry'Imana. Iki kibwiriza cyiza kitubwira intego z'ijambo ry'Imana. Imana yaduhaye ijambo rya yo kuko ishaka ko tumenya uko babaho. Imana yaraturemye kandi izi uko twabona ubuzima butunyuze. Yesu yaje avuga ati: "*Naje kugira ngo zibone ubugingo ndetse bwinshi.*"(Yohana 10:10) Mose atubwira muri ubu butumwa bukomeye uko twakwinjira muri ubwo buzima bwiza. (Gutegeka kwa Kabiri 8:1-14). Mose abwiriza ko Ijambo ry'Imana rigamije gutanga ubuzima. Niba ushaska gusobanukirwa Ijambo ry'Imana, byibuze hari uburyo bubiri waryigamo. Wajya muri kaminuza, seminari cyangwa mu ishuli rya Bibiliya ukiga kandi Ijambo ry'Imana ukoresheje ubwenge bwawe ndetse n'ibyo uzi ku giti cyawe.

Ariko dushingiye kuri Mose, ubwo si bwo buryo bwonyine bwo kwiga Ijambo ry'Imana. Niba Ijambo ry'Imana rigamije gutanga ubuzima, ubwo rero ubundi buryo bwo kwiga Ijambo ry'Imana ni ukwiga ubuzima. Ijambo ridusobanurira ubuzima n'ubuzima budusobanurira ijambo.

Iyo Imana ituretse tugakubitwa n'imiraba y'ubuzima turayihindukirira tukamenya ko ari yo soko y'ubuzima na buri kintu cyose dukeneye kugira ngo tubeho nk'uko yaremye ubuzima uko yabishatse igihe yaturemaga. Ni mu kuzenguruka ubutayu bwacu, no mu buzima bugoye bw'ubuzima Imana itumenyeshereza ko "umuntu adatungwa n'umutsima gusa." Umuntu atungwa no kumvira ijambo Imana yamuhaye. Aba b'Isirayeli ntibigiye ijambo ry'Imana mu iseminari cyangwa mu isinagogi: bigiraga ijambo ry'Imana mu busobanuro bw'ubuzima babagamo.

Irindi somo twakwiga mu gice cya munani cyo Gutegeka ka Kabiri ni ukwirinda ibibazo biva mu gutera imbere. Ese wamenya ko guhabwa umugisha wo gutera imbere byaba ikibazo? Ubu bwoko bwatoranijwe bwari bwarize Ijambo ry'Imana binyuze mu guhana kw'Imana gukomeye. Iyo bahanwaga kubwo kutumvira kwabo, bamenyaga ko Ijambo ry'Imana ari ryo rufunguzo rw'ubuzima. Ubu rero Mose yarimo kubabwira ko bagomba gushyira mu ngiro ibyo bize mu bihe bikomeye mu buzima bwabo igihe Imana izabaha umugisha mu buryo bukomeye. Yaravuze ati: *"Ntuzibagirwe Uwiteka Imana Yawe nugera mu gihe uteye imbere, ntuzibagirwe amasomo wize mu bihe byo*

Kugeragezwa." Ubundi buryo ubu butumwa buvugwamo mu Isezerano Rishya ni ubu: "*Uwibwira ko ahageze yirinde atagwa*."(1 Abakorinto 10:12)

Mose akurikiza ikibwiriza cye cy'Ijambo ry'Imana ikibwiriza cyiza kivuga ku buntu bw'Imana. Abisubiramo kugira ngo ashimangire abwira aba bantu incuro enye ko batakiranuwe n'Imana kuko bari beza cyangwa bari bafite igikundiro cy'Imana: "Imana Yehova ntibahaye iki gihugu cyiza kuko muri beza. Muri babi, muri abantu bateza ibibazo."(Gutegeka kwa Kabiri 9:4-6)Iyi ni ishusho nziza y'ubuntu bw'Imana. Imbabazi z'Imana zitwima ibyo dukwiriye. Ubuntu bw'Imana buduha igikundiro n'imigisha by'Imana tudakwiriye. Imana ntabwo iduha umugisha kuko turi beza. Imana iduha umugisha kuko ari nziza kandi idukunda. Icyo ni cyo ijambo "Ubuntu" rivuze.

Mose aduha ubusobanuro busobanutse bw'ubuntu bw'Imana muri iki kibwiriza gikomeye cyo mu gice cya cyenda cy'iki gitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri. Uzabona ishimangira ku buntu buri muri Bibiliya yose kuko ubuntu bw'Imana ari ikiranga Imana tubona ku isoko y'agakiza kacu. Ubuntu bw'Imana ntibubonwa kubw'imirimo myiza yacu.

IGICE CYA CYENDA

IBINDI BIBWIRIZA BYIZA BYA MOSE

Ubwo noneho tumaze kureba ikibwiriza cyiza cya Mose kivuga ku buntu bw'Imana, twiteguye gutekereza ku cyo iki kibwiriza cyerekeranye n'igisubizo cyacu ku buntu bw'Imana mu gice cya cumi. "*Umva Isirayeli, icyo Uwiteka Imana yawe igushakaho ni ugutinya Uwiteka Imana yawe, ukagendera mu nzira zayo zose, ukayikorera n'umutima wawe wose,ukitondera amategeko igutegka ku bw'ineza yawe. Ni koko ijuru n'amajuru ari ah'irengeye ni ay'Uwiteka Imana yawe ndetse n'isi n'ibiyirimo byose. Imana yishimiraga ba sogokuruza banyu gusa ikabakunda kandi yahisemo ababakurikiye ari bo mwebwe ibashyira hejuru y'amoko yose nk'uko biri uyu munsi. Nuko rero nimukebe umutima wanyu maze ntimuzongere kwambara ubusa ukundi*."

Ugushimangirwa kurimo hano ni uburyo twakira ubuntu bw' Imana. Imana idukunda n'iyo twatsinzwe. Nta na kimwe twakora cyaduhesha urukundo rwa yo kuko urukundo rwa yo tutarubona cyanga tutarutakaza ku bw'ibyo twakoze. Nta cyo wakora cyabuza Imana Kugukunda. Urukundo rwa yo nta cyo rushingiraho. Urukundo rw'Imana rutagira icyo rushingiraho ruduha imbaraga imbabazi n'ubuntu by'Imana. Ubuntu ni inkota ityaye y'amogi yombi. Itemera mu mpande zombi. Icya mbere, bavuga ko urukundo rw'Imana n'imigisha ya yo bidashingiye ku buryo

wakoze neza. N'udasobanukirwa amagambo ubuntu, imbabazi n'urukundo nk'uko bigaragaza Imana iyo ari yo, uzamenya ko utagomba guhangayikishwa no kugerageza kugura urukundo rw'Imana. Izagukunda uko byagenda kose, ku bw'imbaraga z'imababazi, ubuntu n'urukundo bya yo. Ntiwatakaza imbabazi z'Imana, ubuntu n'urukundo bya yo kuko wakoze nabi. Imana ntigukunda kuko uri mwiza kandi ntabwo izarekera aho kugukunda nuba mubi. Imana iragukunda. Yesu aragukunda. Ubo nibwo butumwa buri mu Gutegeka kwa Kabiri.

Ese ni gute ubona imbabazi, ubuntu n'urukundo by'Imana? Ubundi buryo bwo kukubaza icyo kibazo ni ubu: "Ukunda Imana bingana iki?" Umugore wari wuzuye Umwuka wabayeho mu bindi binyejana yaravuze ati: "Birutwa nuko narimbuka aho kugira ngo nteze Umwuka Wera agahinda na none." Tugomba gushaka kunezeza iyi Mana idukunda uko biri kose kandi ntitugomba kubabaza iyi Mana kuko tuyikunda. Ibyo byagombye kudusunikira kweza ubuzima bwacu dukuramo ibitayinezeza maze tukayikorera kandi tukagaragaza uko twakiriye urukundo rwa yo mu kuyiramya dushima kandi dukunda.

Nyuma yo kutubwira byinshi ku buntu bw'Imana n'agakiza kacu, intumwa Pawulo yaratubwiye ati: "*Ndabinginze ntimugapfushe ubusa ubntu bw'Imana*." (2 Abakorinto 6:1) Nk'uko ari icyaha kuvugira ubusa izina ry'Imana, ni na ko ari icyaha kwakirira ubusa ubuntu bwayo. Niba Imana idukunda ikadusukaho imigisha yayo ku bw'ubuntu bwayo, niba nta cyo dukoresheje ubwo buntu, tuba dukora icyaha cyo gupfusha izina ry'Imana ubusa. Ubutumwa bwiza bwa Mose mu gice cya cumi butubwira kutigera dupfusha ubusa ubuntu bw'Imana.

Ibi bikurikirwa n'ikibwiriza kivuga ku nsanganyamatsiko yo gutera Imana umugongo (igice cya 13). Mose yabwiye ubu bwoko bwatoranijwe ko umuhungu, umukobwa, umugore cyangwa se n'incuti magara nibagerageza kubakura mu murongo w'Imana ko bazica uwo muntu ntibamugirire imbabazi. Ibyo birumvikana nk'ibikarishye, ariko umenye ibiva mu gutera Imana umurongo havamo ubunyage bw'i Babuloni ubunyage bwa Siriya- uzabona impamvu Imana yarakaye igihe yerekaga Mose uko bakirana n'ikibazo cyo gutera Imana umugongo.

Mose kandi yabwirije ku gutanga icya cumi. Ijambo "icya cumi" mu Giheburayo rivuze "kimwe mu icumi." Dutegekwa guha Imana kimwe mu icumi cya buri kintu cyose dufite. Gutanga icya cumi bitwigisha ko tugomba iteka gushyira Imana ku mwanya wa mbere mu buzima bwacu. Imana ntikeneye icumi kw'ijana ry'ibyo twinjiza. Imana yatanze itegeko ryo gutanga icya cumi kuko ari uburyo bumwe twapima uburyo tuyikunda. Ukuri kw'ingenzi Imana itwigisha binyuze

mu gutanga icya cumi kwigwa igihe dusobanukiwe ko icya cumi cyari icumi rya mbere mu icumi rya buri kintu ubu bwoko bwatoranijwe babonaga nk'uko Imana yabo yabahaga ihaza kwifuza kwabo. Imana imenya ko itari iya mbere mu buzima bwacu, ariko twebwe rimwe na rimwe ntitujya tubimenya. Ni yo mpamvu Imana yadutegetse kwerekana ko ari iya mbere mu bya mbere byacu tuyiha icya mbere mu icumi cy'ibyo tubona byose.

Imana ishaka icya mbere mu icumi. Igihe Abaheburayo bajyaga mu gihugu cy'i Kanani, umurwa wa mbere bafashe wari Yeriko. Iminyago yose bafashe muri uwo murwa bayihaye Imana kuko wari umurwa wa mbere bari bafashe. Hari amagambo abiri avuga ubusobanuro bw'ibitabo, ibice n'imirongo byo muri Bibiliya. Ayo magambo abiri ni: IMANA MBERE! Gishyira Imana imbere ntibyoroshye, ariko gushyira Imana imbere ntibigoye. Dukomeza ubusobanuro bwo gushyira Imana imbere kuko tudashaka gushyira Imana imbere. Gutanga kimwe mu icumi bidufasha kwibwiza ukuri no gupima urugero Imana iriho ari iya mbere mu buzima bwacu.

Mu gice cya cumi na gatanu cyo Gutegeka kwa Kabiri, Mose aduha ikibwiriza gikomeye kivuga ku mumaro wo gufasha abakene. Mu mategeko ya Mose harimo gushimangira gukomeye ku gufasha ndetse no mu Isezerano rya Kera. Mose atanga uburyo bwinshi ibya cumi by'abantu b'Imana bigomba gutangwamo. Icya cumi cyagombaga guhabwa Abalewi- ari ryo shingiro rya Bibiliya ryo guhemba umukozi wo mu rusengero. Cyagombaga guhabwa umunyamahanga uri mu gihugu cyanyu ubabaye. Abana b'Isirayeli bategetswe guha abapfakazi n'imfubyi zibarimo. Igihe Mose yabwiraga ubwoko bwatoranijwe ibyo gutanga, yarababwiye ati: "Muri ubwoko bugoranye." Yababwiye kutitotombera gufasha abakene. (15:1-11) Yababwiye ko abakene bazabahorana akaba ari na yo mpamvu iri tegeko ryari ngombwa.

Nk'umuhanuzi, Mose yavuze Ijambo ry'Imana mbere nk'umubwiriza butumwa ukomeye. Yaranavuze igihe yabwirizaga Ijambo ry'Imana, Isirayeli nta mwami yagiraga kandi ntabwo yari kumugira mu gihe cy'imyaka igera kuri 500. Tuzasoma byose ku kuntu bageze aho bimika umwami wabo wa mbere nitwiga igitabo cya Samweli wa Mbere. Ariko Mose yabwiye abana ba Isirayeli ko igihe kimwe Imana izasubiza icyifuzo cyabo ikabaha umwami. Maze mu buryo bw'ubuhanuzi yanditse itegeko muri ibi bitabo bye by'amategeko ko nibabona abami babo, umwami wabo azandukura amategeko ayakura mu gitabo kibitswe n'abatambyi b'Abalewi maze akayasoma buri munsi w'ubuzima bwe kugira ngo yige kubaha Uwiteka no kumvira amategeko yayo. Uku gusoma Ijambo ry'Imana kwa buri munsi kwari bumurinde ko aruta abandi bantu.

Kandi byamurindaga gutera Imana umugongo, kandi bikamuha ingoma nziza kandi akarama.

Muri Zaburi ya mbere ya Dawidi, avuga uhiriwe uwo ari we ko ari umuntu wibwira amategeko y'Imana amanywa n'Ijoro. Hanyuma akavuga imigisha yose uyu muntu agira kuko yishimira Ijambo ry'Imana akagendera mu nama abonye mu Ijambo ru'Imana. Kuva Dawidi yari umwami wa kabiri wa Isirayeli, yagombaga kumvira amategeko yahanuwe na Mose. Imigisha y'umunyamugisha Dawidi utondagura muri iyo Zaburi ya mbere imeze nk'umwirondoro wo mu mwuka w'ubuzima bwa Dawidi. Impamvu Mose atanga zatumye atanga amategeko bigaragaza ko zasohoye mu buzima bwa Dawidi.

"*Numara kugera mu gihugu Uwiteka Imana iguha, ntuzige gukurikiza ibizira bikorwa n'ayo mahanga. Muri mwe ntihazaboneke ucisha umuhungu we cyangwa umukobwa we mu muriro, cyangwa ukora iby'ubupfumu cyangwa uragurisha ibicu, cyangwa uragurira abantu ibizababaho, cgyangwa umushitsi. Kuko ukora ibyo wese ari kizira uwiteka yanga urunuka, kandi ibyo bizira ni byo bitumye Uwiteka Imana yawe izirukana ayo mahanga uzahindura yumvira abaragurisha ibicu n'abapfumu, ariko wehoho uwiteka Imana yawe ntigukundira kugenze utyo.*"(18:9-14)

Hari umuntu wavuze ko hari ibintu byinshi biri hagati y'ijuru n'isi biruta uko umuntu yatekereza.

Itegereze ko ibyanditswe bitavuga ko ibi bintu bitabaho. Bitubwira kubyirinda. Hari imyuka iba mu isi y'umwuka itari iy'Imana. Iyo ugiye mu kuroga, ubupfumu n'ibindi bintu byose uba urimo gukorana n'umwuka utari uw'Imana. Nuko rero, Imana inyuze muri Mose, yabujije mu buryo bukomeye ubwoko bwayo gukorana n'imyuka y'ikuzimu itari iy'Imana. Ibyo Imana itekereza inyuze muri Mose bisa nk'ibivuga ko dufite Umwuka Wera w'Imana wo kutuyobora mu kirere cy'Imyuka y'ahantu ho mu ijuru. Nuko rero, ni icyaha kuri twe kubaza abakorana n'imyuka nibi kutuyobora, kuduha icyerekezo no kuduha imbaraga mu buryo ubwo ari bwo bwose.

Hari ikibwiriza gikomeye mu gitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri, ku buhanuzi bwa Mesiya. Mose yaravuze ati: "*Uwiteka Imana yawe izabahagurukiriza umuhanuzi umeze nkanjye ukomotse hagati muri mwe, muri bene wanyu, azabe ariwe mwumvira. Bizakubera rwose nk'ibyo wasabiye Uwiteka Imana yawe kuri Horebu kuri wa munsi w'iteraniro, uti "sinkongere kumva ijwi ry'Uwiteka Imana yanjye cyangwa kubona uyu muriro mwinshi ntazpfa.*"(Gutegeka kwa Kabiri 18:15-17) Mose yabwiye ubwoko bwa Isirayeli ko Imana yumvise isengesho ryabo kandi ko igiye kuzabohereza umuhanuzi mu isi wo izavugiramo.

Imana yabahaye ijambo ryanditse ry'igitangaza, ariko yashakaga kuvugana na bo birenze iryo jambo ryanditse. Mu mbabazi zayo n'urukundo rwayo yari ibafitiye, Imana yari igiye kuvugana nabo inyuze mu muhanuzi wabo, umutambyi n'Umwami.

Mu gice cya cumi n'icyenda harimo ibibwiriza byiza cyane bivuga ku gihano cy'urupfu. Muri uyu mwandiko ntihibandwa ku cyaha ndetse n'uburyo kwica umuntu bikoza isoni. Amagambo Mose yavuze ku gihano cy'urupfu, avuga ko icyo cyaha cyahozeho. Iki cyanditswe kitubwira ko icyo gihano cy'urupfu kizahanagura ikibi muri Isirayeli. Mu gice cya makumyabiri tubonamo ikibwiriza cyiza kivuga ku kwizera. Gidiyoni ashyira mu ngiro iki cyanditswe igihe yayoboraga ingabo barwana n'Abamidiyani bari barafashe Isirayeli. (Abacamanza 7:1-7)

"Nimurwana n'ingabo zikomeye kubanesha, uzibuke ko ibyiringiro byanyu byonyine ari uko Imana iri kumwe nawe. Kwizera ni cyo kintu mukeneye igihe muzatera izo ngabo zibanesha amaboko."(Gutegeke kwa Kabiri 20:6-8) Tubona ukuri "k'ukuntu" kugaragazwa cyane muri iki gitabo cyo gutegeka kwa kabiri. Tubona kandi n'ukuri ko "gucungura." Itegeko ryo gucungura ryo mu Gutegeka kwa Kabiri 25 ni ishusho nziza y'umukiza wacu, Yesu Kristo. Incuro ya mbere uzabona ijambo "umucunguzi" cyangwa "gucungura," aya magambo abiri ni amagambo akoreshwa mu rwego rw'amategeko, ubwo rero wasobanukirwa gucungurwa igihe Isezerano rya Kera n'Irishya rishyira mu ngiro uku kuri ku rupfu rwa Yesu Kristo ku Musaraba. Uyu mwandiko wo mu gice cya 25, uduha itegeko ryo gucungura, ni rwo rufunguzo rufungura ubusobanuro ndetse n'ishyira mu ngiro ry'igitabo cya Rusi.

Ku musozo w'ibitabo byo Gutegeka kwa Kabiri, Abalewi na Yosuwa, uzabonamo itegeko rikomeye ryo kumvira Ijambo ry'Imana. Ibi na none ni yo nsanganyamatsiko nkuru yo Gutegeka kwa Kabiri. Bimwe mu bibwiriza byiza isi yigeze kumva biri mu bice bya nyuma by'igitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri, aho Mose yesezeranije imigisha y'Imana ku bwoko bw'Abaheburayo mu gihe bumviye Ijambo ry'Imana. Mose yanzuye iki kibwiriza gikomeye avuga ati: "*Nashyize imbere yanyu ubuzima n'urupfu. Icyampa mugahitamo ubuzima, kugira ngo mwe n'abana banyu babshe kubaho*!" (Gutegeka kwa Kabiri 30:19)

IGITABO CYA YOSUWA

IGICE CYA CUMI

FATA IBYAWE

Igitabo cya Yosuwa mu buryo bumwe hari ukuntu ari imbusane y'igitabo cyo Kubara. Igitabo cyo Kubara ni inkuru yo kutizera kw'Abaheburayo kwabateye kurimbuka. Igitabo cya Yosuwa kivuga ku kwizera, ukwizera kuhesha byose Imana yifuriza ubwoko bwayo.

Igihe twigaga igitabo cyo Kuva, twize ko izina, "Kuva" rivuze "gusohoka" mu buretwa buteye ubwoba bwo muri Egiputa. Iki gitabo cya mbere cy'amateka cyashoboraga kwitwa "kwinjira" kuko kivuga ku kwinjira mu gihugu cy'amasezerano cy'i Kanani. Insanganyamatsiko y'iki gitabo cya Yosuwa ni "Gufata Ibyawe." Ijambo Yosuwa rivuze kimwe n'izina Yesu. Yesu ni mu Kigiriki. Yosuwa ni mu Giheburayo. Iryo zina rivuze "umukiza" cyangwa "Yehova arakiza." Mu izina rye, uyu muyobozi ukomeye ni ishusho ya Kristo kuko yayoboye bene wabo mu gihugu cy'amasezerano cy'imigisha yo mu mwuka.

Ijambo ry'urufunguzo ni agakiza tuva muri Egiputa. Wibuke ko Kalebu na Yosuwa ari bo bonyine basohotse mu butayu kuko bagarukanye inkuru nziza igihe bari baratumwe i Kanani nk'abatasi. Imana yabonye ukwizera kwabo ko gukwiriye ingororano ikomeye. Yosuwa yari afite imyaka 80 igihe yahabwaga amabwiriza yo kuyobora ubwoko bwa bo mu gihugu cy'i Kanani maze bagafata ibihugu birindwi bikomeye byagiteraga. Aya mabwiriza ntiyayabonye ayakuye ku Mana, ahubwo Mose ni we wayamuhaye, umugabo w'Imana wari uzi Imana akanamenya Yosuwa.

Umubano wari hagati ya Mose na Yosuwa ni urugero rukomeye rw'umubano wa Timoteyo na Pawulo ukaba uri ingenzi mu gutegura abayobozi b'ubwoko n'umurimo w'Imana. (2 Timoteyo 2:2) Yosuwa yapfuye afite imyaka 110. Yari umugabo w'imbaraga, uca bugufi, ufite no kwizera gukomeye. Twitegereza Imana ikorera mu muyobozi w'umutambyi cyangwa umuhanuzi tubona impinduka y'ingenzi mu gihe tureba ubuyobozi bwa Yosuwa. Mose yahawe Ijambo r'Imana ku musozi Sinayi arikuye ku Mana. Ariko ubu dusoma ko Yosuwa yabwiwe kwibwira cyangw gutekereza ku ijambo ryanditswe- Ijambo Imana yari yarahaye Mose. Nk'abandi bami ba Isirayeli bagombaga kumukurikira, Yosuwa yategetswe gutekereza ku Ijambo ry'Imana, amanywa n'ijoro, kandi ko agomba kumvira aya mategeko y'Imana.

Mu gihe Abaheburayo bari hafi kwambuka Yorodani bakinjira i Kanani, ibi ni byo babwiwe: "*Aho muzakandagiza ikirenge hose, ndahabahaye, nk'uko nabibwiye Mose.*" (Yosuwa 1:3) Igihugu cyose cyari cyabahawe, mu buryo bwo kukigira ariko mu buryo bwo kugitunga bagifite.

Itegeko ryo gutunga ryavugaga ko buri metero kare y'ubutaka bw'i Kanani

uzagenderaho ikirenge, ubwo ni bwo nzaba nguhaye- nta kirenzeho kandi nta kigabanyutseho.

Uko niko bimeze no mu migisha yacu yo mu mwuka. Hari imigisha myinshi yo mu mwuka iboneka ku bwacu muri iki gihe: gusenga, ibyanditswe, guterana, kuramya- Ibyo byose Imana ibiha buri mu Kristo wese. Ariko hari abakristo bamwe batunga iyo migisha yo mu mwuka abandi ntibayitunge. Urufunguzo rwa byo rurafatika. Ugomba kubikandagizaho ibirenge byawe. Utunga gusenga usenga, utunga kuramya uramya, kandi utunga ibyanditswe ubisoma, ubisobanukirwa ndetse ubishyira mu bikorwa. Utunga imigisha yawe yo mu mwuka intambwe imwe ku yindi.

Abanyeshuli benshi ba Bibiliya bavuga ko icyo gitabo cy'Abefeso cyo mu Isezerano Rishya ari cyo gitabo cya Yosuwa kiri mu Isezerano rya Kera. Igitabo cy'Abefeso kitubwira imigisha yo mu mwuka dufite muri Kristo kandi ko bidushobokera kwinjira muri Kristo maze tugatunga iyo imigisha yose yo mu mwuka. Umurongo w'urufunguzo w'igitabo cya Yosuwa ni Yosuwa 1:3, uvuga neza nk'uko uwo muri Abefeso uvuga: "*Hashimwe Imana na se w'Umwami wacu Yesu Kristo, waduhaye imigisha yose yo mu mwuka yo ahantu ho mu ijuru muri Kristo*." Imana yaduhaye uburenganzira ku migisha yose yo mu mwuka yaduhaye, ariko tugomba kuza aho iri tukayitunga.

Mu gitabo cya Yosuwa, iyo migisha yari mu gihugu cy'amasezerano. Mu gitabo cy'Abefeso biri muri Kristo. Niba dushaka gutunga imigisha yo mu mwuka, tugomba kuyishaka tuba muri Kristo. Tugomba kuza ahantu ho mu ijuru, kuko aho ari ho iri yose. Igitabo cya Yosuwa kitwigisha ko twakwinjira mu "gihugu cy'amasezerano" cy'imigisha y'Imana ari uko twizeye. Pawulo nawe atubwira nk'ibyo mu gihe yanditse urwandiko rwe ku Abefeso. Abandi banditsi bo mu Isezerano Rishya banditse ku "gihugu cy'amasezerano" cyo mu mwuka, tega amatwi ubundi buryo Petero yanditse aho ndetse n'uburyo twatunga ibyacu byo mu mwuka: "*Mbandikiye uru rwandiko rw'amagambo make, rwanditswe n'ukuboko kwa Siluwano, mwene Data wo kwizerwa, uko ntekereza mbahugura, mpamya, yuko ubuntu bw'Imana navuze ari ubwo ukuri, nimubuhagararemo mushikamye*." (1 Petero 5:12)

Petero ntiyashoboye gusoma cyangwa kwandika (I Petero 5:12; Ibyakozwe n'intumwa 4:13). We icyo yibanzeho kwari ukumenya Imana. Petero ntiyari umwigisha, ahubwo yari igihangange cyo mu mwuka; yari azi Imana. Kandi atubwira ko Imana ari yo soko y'imigisha yose Imana yaduhaye nii Imana y'umubano (2 Petero 1:3). Dukurikije

uko Petero yanditse, Imana yarangije kuduha ibikenerwa byose kugira ngo tubeho ubuzima bwuzuye Imana. Ariko, kugira ngo tubitunge tugomba kubisaba hashingiwe ku mubano wo kumenya Imana.

Aba bayobozi bakomeye bo mu itorero ryo mu Isezerano Rishya baremeranya ndetse na Yosuwa ko dufite uburenganzira ku migisha yose yo mu mwuka dukeneye. Ariko tugomba gutunga iyo migisha yo mu mwuka, intambwe ku yindi, binyuze mu mubano wacu n'Imana ndetse na Kristo. Yosuwa avuga ko tuyifite yose, Petero avuga ko tuyifite yose, Pawulo avuga ko tuyifite yose. Nonese kuki tutayitunga yose? Aba bagabo bakomeye b'Imana bose bemera ko ari uko tudasobanukirwa ko hari ikiraro cyo kwizera gifunga umwanya uri hagati y'ibyo byose. Imana yaduhaye n'ubushobozi bwo gutunga ibyo Imana yaduhaye. Niyo mpamvu Imana yaduhaye igitabo cya Yosuwa.

Mu gitabo cya Yosuwa tubona ingero 16 zo kwizera zikomeye. Igihe Imana yashakaga ko tumenya kwizera mu gitabo cy'Itangiriro, yaduhaye ibice 12 bitubwira ku mugabo Aburahamu. Kwizera gushobora kuba ari ingenzi cyane ku Mana kuko intego y'iki gitabo cyose cya Yosuwa ari ukutwereka kubeshwaho no kwizera, ukagendera mu kwizera mu migisha yose Imana yaduhaye.

Igitabo cya Yosuwa kivuga ku gihugu cy'i Kanani. Iki gihugu cy'i Kanani kigomba gutahwamo: kigafatwa umurwa umwe ku wundi, igihugu kimwe ku kindi. Ariko ishyira mu ngiro ryo mu mwuka ry'igitabo cya Yosuwa mu by'ukuri ntirivuga ku butaka bw'isi, ahubwo rigamije ku gutunga imigisha yawe yo mu mwuka mu kwizera.

Igihugu cy'i Kanani gishushanya intego y'agakiza kuri ubu bwoko budasanzwe. Kuva Ijambo "agakiza" rivuze "kubohorwa", kubohorwa kwabo bavanwa muri Egiputa kudushushanyiriza agakiza kacu. Agakiza kacu gaturuka mu kwizera ko Yesu Kristo ari we Mwana w'ikinege w'Imana n'umukiza wacu wenyine. Iyo tumwizeye atubohora ibyaha byacu cyangwa "Egiputa yo mu mwuka." Kwinjira no gufata Kanani kwabo kudushushanyiriza ireme ry'ubuzima Imana yateguriye abantu babonye agakiza kabo bavuye muri "Egiputa," mu buzima bwabo.

Intumwa Pawulo itubwira ko Imana yadukijije ku bw'ubuntu, mu kwizera. Dukurikije uko Pawulo avuga, agakiza kacu ntikava ku kintu icyo ari cyo cyose twaba twagezeho ku ruhande rwacu. Ni impano y'Imana, si umusaruro uva mu mirimo yacu. Ariko na none, Pawulo yandika ko twakirijwe imirimo myiza, iyo Imana yateguye kera ngo tuyigenderemo. Irashaka ko tugendera muri iyo mirimo myiza.

Iyo mirimo myiza niyo ntego y'agakiza kacu muri ubu buzima kandi ni imwe mu migisha yo mu mwuka "Imana yacu idukunda ishaka ko dutunga, intambwe imwe ku yindi.

Agakiza karenze itike ijya mu ijuru. Hari intego ya none y'agakiza kacu: "Kanani" yacu yo mu mwuka hano ku isi. Impamvu tudatunga imigisha yacu yo mu mwuka ahari yenda ni uko tutazi uburyo bwo kuyigenga. Niyo mpamvu Imana yaduhaye igitabo cya Yosuwa. Imana yaduhaye iki gitabo cya mbere cy'amateka cyo mu Isezerano rya Kera kugira ngo itwereke ireme ryo kwizera twatungiramo ibyacu byo mu mwuka.

IGICE CYA CUMI NA KIMWE

Igitabo cya Yosuwa gikubiyemo ifatwa ry'igihugu cy'i Kanani. Twiga ibyanditswemo, turaza kubibona. Iyo dusomye igitabo cya Yosuwa, duhabwa igitekerezo cyiza cy'uburyo twatunga ibyacu byo mu mwuka. Igice ku kindi kiduha ingero n'imbuzi zitwereka icyo kwizera ari cyo n'icyo kwizera atari cyo. Ibi bice bikubiyemo imbuzi zivuga ku bubi bw'isi,umubiri na Satani." Ikintu cya mbere tubona mu gitabo cya Yosuwa ni icyo twakwita "Ihererekanywa ryo kwizera." Tubona ihererekanywa ry'ubuyobozi kuva kuri Mose ujya kuri Yosuwa mu gihe dusoma ngo: "Yosuwa yari yuzuye Umwuka w'Imana, kuko Mose yari yaramurambitseho ibiganza. Nuko rero ubwoko bwa Isirayeli bumviraga Yosuwa nk'uko bumviraga amategeko Imana yari yarahaye Mose. Nyuma y'urupfu rwa Mose, intumwa y'Imana,Imana yabwiye Yosuwa iti: "Intumwa yanjye Mose yapfuye. Ni wowe muyobozi mushya wa Isirayeli. Yobora ubwoko bwanjye. Ukomere kandi umenye ubwenge, kuko uzaba umuyobozi mwiza w'ubwoko bwanjye. Ukeneye gukomera no kugira umwete no kumvira buri tegeko Mose yaguhaye. Kuko niwitondera kuyumvira buri rimwe ryose, uzabona intsinzi muri buri kintu cyose ukora."

Ujye wibutsa iteka ubu bwoko aya mategeko, kandi nawe ugomba kujya uyibwira amanywa n'ijoro kugira ngo umenye neza ko uyumvira yose. Ubwo nibwo uzabona intsinzi. Uzabe intyoza kandi ube umunyembaraga. Wibuke ko uwiteka Imana yawe iri kumwe nawe aho uzajya hose."(Yosuwa 1:6-7) Mu bice bibanza by'igitabo cya Yosuwa, tubona icyo twakwita "Bahigwa kwizera." Mu gihe dukura mu gusobanukirwa kwacu ko kwizera, ntabwo tugomba guterwa ikibazo mu gihe duhuye n'ibibazo bihiga kwizera kwacu.

Dukuyeho ibibazo byose n'inkomyi bitera kwibaza ku kwizera, ubwo rero twamukuraho gukenera kwizera ukwa byo. Umuntu Rahabu wo muri Yosuwa igice cya kabiri atuma bantu benshi bibaza ibibazo byinshi ku kwizera. Abayuda babiri b'abatasi baje mu rugo rwe maze arabahisha. Igihe umwami w'i Yeriko yaje gushaka abo Bayuda, yabohoreje

mu kindi cyerekezo. Imana imuha imigisha ku bw'iyo. Dusoma mu gice cyiza cyo kwizera cyo muri Bibiliya ko Rahabu ari intwari yo kwizera kuko yabeshye.

Usomye neza iyi nkuru, ubona ko Rahabu atavuzwe nk'urugero rwo kwizera kuko yabeshye. Mu gice cyo kwizera dusoma ibi: "Kubwo kwizera, Rahabu ntiyarimbukanye n'abatizera." Igihe abayuda bazaga mu rugo rwe, Rahabu yaravuze ati: *"Nzi neza ko muhagarariye Imana y'ukuri kandi nzima. Abantu benshi hano barabatinya cyane. Twizera ko Imana iri kumwe namwe."*(Yosuwa 2:9) Ba batasi b'Abaheburayo bagiranye nawe isezerano y'uko bazakiza ubuzima bwe. Ese kuki yakijijwe? Kwizera kwe kwaramukijije. Yizeraga ko ubwoko bw'Abaheburayo bwari ubwoko bw'Imana kandi ko Imana yabo yari Imana y'ukuri kandi nzima. Rahabu yahindutse umwe mu bwoko bw'Imana kuko yagize kwizera.

Mu gice cya gatatu uzasangamo "kwemeza Kwizera." Iyo Imana irimo kugerageza kuduha kwizera ko kwinjira Kanani yacu yo mu mwuka, izemeza kwizera kwacu kugira ngo idusubizemo Imbaraga. Ibi tubibona mu buzima bwa Gidiyoni, wateye intambwe Imana ikayishyigikira. Dawidi atubwira ko "Intambwe z'umuntu zemezwa n'Uwiteka." (Zaburi 37:23) ibyo bivuze ko iyo duteye intambwe zo kwizera, Imana iziha umugisha kandi ikemeza izo ntambwe zo kwizera.

Muri iki gice, Imana yiyeretse Yosuwa kandi yereka abantu ko umugisha wa yo wari ku muyobozi wa bo Yosuwa nk'uko wari kuri Mose. Imana kandi yanakoze ibi bitangaza kugira ngo ikomeze kwizera kw'abantu. Intego y'ibi bitangaza kwari ukubereka ko Imana yari kumwe na bo, kandi igihe bateraga imirwa ikomeye cyane y'i Kanani, nka Yeriko, yabahaga intsinzi ikomeye.

Mu gice cya kane abana b'Isirayeli bubatse "Igicaniro cyo kwizera". Bambuka Yorodani, n'ubwo byari igihe cy'imiraba, amazi yaratandukanye maze banyura ku butaka bwumutse. Bakimara kwambuka, bategetswe kubaka inkingi z'amabuye, urwibutso rw'iki gitangaza gikomeye kugira ngo abana babo bazigere bibagirwa ibyo Uwiteka yabakoreye igihe bagize kwizera ko kwambuka yorodani. Mu gice cya gatanu tubona "Ibyo kwizera kumusaba." Mbere y'uko ubwoko bwa Isirayeli bwinjira i Kanani, bategetswe gukeba buri mugabo wari ubarimo.

Urubyaro rwa kabiri ntirwigeze rukebwa. Wibuka. Wibuka ko, urubyaro rwa mbere rwapfiriye mu butayu. Iyi nkuru ni urugero rwiza rw'ibyo twizera nyakuri. Mbere y'uko winjira mu gihugu cy'amasezerano cy'imigisha y'Imana, ugomba kwibaza niba haba hari icyaha na kimwe mu buzima bwawe. Ese haba hari icyaha cyaba kiri mu buzima bwawe ukeneye kwitandukanya na cyo?

Igihe twigaga igitabo cy'Itangiriro, twize ko abantu benshi biyita abakristo banyuraga cyangwa se bazengurukaga igicaniro cyo kwihana Aburahamu yari yarubatse igihe ubuzima bwe bwari icyitegererezo cyo kwizera kuri twe. Ntibigeze bemerera Imana ngo ikirane n'ibyaha byabo mu buzima bwawo. Tugomba kubanza kwihana ibyaha biri mu buzima bwacu mbere y'uko twakira imigisha y'Imana ku buzima bwacu. Icyo ni cyo iri tegeko ryo gukeba abagabo bose ryari rigamije. Ni ikimenyetso cy'inyuma gihishura kwiyemeza kw'imbere ko kwizera mu mitima yacu, ubusobanuro bwo gukebwa tubona mu Isezerano rya kera busa neza n'ubusobanuro bwo kubatizwa tubona mu Isezerano Rishya.

Muri Yosuwa gatanu kandi tubonamo "Ubutumwa bwo kwizera." Ibi tubibona ku musozo w'igice cya gatanu cya Yosuwa. Yosuwa yari yaratanze itegeko ry'uko nta n'umwe mu ngabo ze uzakoresha inkota ye. Ingabo zari zikambitse iburasirazuba bwa Yorodani zari mu mwijima ukomeye ku buryo zashoboraga guterwa n'umwanzi mu buryo bworoshye. Nuko rero, batanga iri tegeko: "Ntugatwikurure inkota yawe." Iyo babonaga umuntu ufite inkota idatwikiriye, bamenyaga ko yari umwanzi maze bakaba bakwirwanaho vuba.

Yosuwa yasohotse hanze mu gihe cya nijoro mu mugoroba bari mu ntambara y'i Yeriko abona umuntu ufite inkota ye idatwikiriye. Yosuwa aramubaza ati "Uri mu bacu cyangwa uri uwo mu banzi?" Yaramusubije ati: "Ndi umugaba mukuru wo mu ngabo z'Umwami Imana!" Dusoma ko Yosuwa yikubise hasi imbere y'uyu mugabo akamuramya aramubwira ati: "Mbwira icyo gukora." Umugaba mukuru aramusubiza ati: "Kwetura inkweto zawe kuko aho uri ari ahera." Dusoma ko Yosuwa yabikoze. (Yosuwa 5:14-16)

Dukwiriye gusoma uko igice cya gatandatu cy'igitabo cya Yosuwa kivuga. Kivuga gutegura urugamba Yosuwa yahawe n'Imana ijoro ribanziriza urugamba nyir'izina. Kwari uko abaturage bose ba Isirayeli babwiwe gusohoka mu mahema ya bo, maze bakazenguruka inkike y'umurwa, hanyuma bakahazenguruka inkike y'i Yeriko. Bagombaga gukora ibi rimwe buri munsi mu gihe cy'iminsi itandatu. Ku munsi wa Karindwi babwiwe kuzenguruka umurwa incuro zirindwi. Byose hamwe ni inshuro cumi n'eshatu. Uwo murwa wari ukikijwe n'inkike yari ikomeye kandi ngari ku buryo bubakaga amazu hejuru. Abarindaga umurwa bashyiraga hejuru abagore n'abana batabashaga gufata intwaro maze bakababaha icyo ari cyo cyose babasha kujugunya hasi ku mitwe y'abanzi ba bo.

Umusirikare umwe ukomeye witwaga Abemeleki yakozwe n'isoni kuko yegereye urukuta cyane igihe yateraga uwo umurwa. Umukecuru

umwe afata ikibuye kinini akimukubita mu mutwe. Abemeleki yarakomeretse cyane, abwira umutwaza intwaro ati: "*Fata inkota yanjye unyirukankane umvane hano, bitazavugwa ko Abimeleki yishwe n'umugore*."(Abacamanza 9:52-54) Ibyo byabaye n'imbuzi zikangura ingabo za Isirayeli ngo: ntuzigere wegera inkike y'umurwa. Ujye wibuka Abimeleki!

Kandi Imana yari irimo kubwira Yosuwa kujyana abantu bose ku nkike nini y'umurwa w'i Yeriko maze bahazenguruke incuro 13! Uru rwari urugamba rwa mbere Yosuwa yari agiye kuyobora kandi yari afite amashyushyu yo kwerekana impano ze nk'ingabo itegura neza. Yosuwa yashyize mu bikorwa buri kantu kose kari kateguwe kuko yari azi ikintu kimwe kuri uyu mugambi kandi icyo ni cyo yari akeneye kumenya. Wari umugambi w'Imana!

Igihe cyose babaga bazenguruka inkike z'i Yeriko, bari barategetswe kutagira ijambo bavuga, abaturage b'i Yeriko bashoboraga kuba baratangaye kuko nta kintu bigeze batera Abisirayeli. Nyuma yo kuzenguruka uwo murwa icuro zirindwi kuri uwo munsi wa karindwi, Yosuwa yahindukiriye abantu arababwira ati, "Musakuze!"

Igitabo cy'Ababeburayo kivuga ko inkike z'i Yeriko, zaridutse kubwo kwizera. Yosuwa yari imbere ayoboye Abisirayeli bose muri uwo muhango wo kuzenguruka izo nkike z'i Yeriko. Ibyo byasabye kwizera. Kwizera kwa Yosuwa kuzengurutsa abo bantu bose iyo nkike, rimwe ku munsi mu gihe cy'iminsi itandatu, hanyuma incuro zirindwi ku munsi wa karindwi.

Urugamba rw'i Yeriko rutwereka kwizera gutuma bidushobokera kwinjira mu "gihugu cyacu cy'amasezerano", tukabaho nk'ubwoko bw'Imaa. Kwizera nk'uko kurafatika. Ni ukwizera kugenda. Kwizera kwa Yosuwa kwazegurutse i Yeriko incuro cumi n'eshatu si ubwiru. Iryo reme ryo kwizera ni ukumvira gusa. Kwizera "kugenda" ni ko kwizera gukora. Uko kwizera kwatsindiye Yosuwa n'ubwoko bwa Isirayeli urugamba rw'i Yeriko. Uko kwizera nawe kwagutsindira urugamba rwawe uyu munsi.

Ese kwizera kwawe kumeze gutyo? Hari abantu batekereza ko kwizera kutagombye gukora kugeza ubwo ibitekerezo byabo bisobanukirwa buri bintu byose. Ariko Yesu yigishije abigishwa be kubanza gukora, maze abasezeranya ko kwemeranya n'ibitekerezo bizakurikiraho. Yaravuze ati: "Umuntu nakora, azamenya." (Yohana 7:17) Mbere na mbere (mu mahame); uzenguruke i Yeriko incuro cumi n'eshatu, hanyuma nibwo uzahishura ukwizera gukora kandi kunesha.

Umwami Dawidi yanditse muri Zaburi 27 ati: "*Mba nararabye, iyo ntizera ko nzabona kugira neza kwawe mu isi y'abazima*." Hari

abantu batekereza ko "kureba ari ukwizera" cyangwa ko kureba bizabayobora kubona. Tubona uyu munsi wo kwizera udushushanyirizwa muri uru rugamba rw'i Yeriko.

Imana iracyadutuma mu migambi ya yo ku buzima bwacu. Rimwe na rimwe, ugutuma kwa yo k'ubuzima bwacu kugerageza kwizera kwa cu nk'uko umugambi wa yo w'urugamba rw'i Yeriko wagerageje kwizera kwa Yosuwa. Niba uzi Imana neza, uzi ko Imana irimo kukuyobora kugira icyo ukora, gikore. (Yohana 2:5) Igitabo cya Yosuwa kitwigisha ko kwizera gufatika. Iyo kugenda gukora, kandi gukora, kunesha urugamba rw'ubuzima.

IGICE CYA CUMI NA KABIRI

ABANZI BO KWIZERA

Nyuma yo kuneshwa i Ayi, dusoma ko Yosuwa yakubise hasi arasenga cyane. Imana yasubije isengesho rya Yosuwa imubaza iti: "Kuki urimo kundindira? Isirayeli yaracumuye!" iyo tubonye ibihamya by'ubwiza bw'uko Imana iri kumwe natwe, icyo gihamya kiduha imbaraga zo gukomeza kwizera kwacu kugakura mu gihe dukomeza. Ariko iyo bigaragara ko Imana iri kumwe natwe twagombye kujya ku mavi yacu kugeza tumenye impamvu Imana itari kumwe natwe. Kuki Imana yasubije isengesho rya Yosuwa imubaza icyo kibazo?

Mu gitabo cyo Kuva, dusoma ko abana ba Isirayeli bari bateye umugongo inyanja itukura maze ingabo za Egiputa zirabakurikira. Mose ajya ku mavi atakira Imana mu isengesho. Imana yabajije Mose ikibazo kimwe n'icyo yabajije Yosuwa igihe yari ku mavi asenga. Imana yabajije Mose impamvu yari arimo gusenga kandi byaragaraga neza ko agomba kubwira ubwoko bw'Imana ko bugomba gukomeza imbere-bakanyura mu nyanja!

Kuva Yeriko ari wo wari umurwa wa mbere bafashe i Kanani, itegeko ry'icya cumi ryavugaga ko iminyago y'umurwa wa mbere wafashwe yari iy'Imana, nta munyago n'umwe wo ku rugamba wagombaga kunyerezwa n'ingabo y'Umwisirayeli. Birumvikana ko hari abasirikare bamwe batwaye iby'I Yeriko ku bwabo. Imana imaze kubwira ubwoko bwacumuye, Imana itegeka kubarura abagize uwo munyago. Imana yereka Yosuwa umuryango wacumuye. Buri muryango wo muri ubwo bwoko warataruwe umugabo ku wundi kugeza ubwo umugabo witwaga "Akani" ari we wasanzwe yacumuye. Yemeye ko yatwaye zahabu, ifeza n'imyenda abikuye i Yeriko, akaba yabicukuriye mu ihema rye. Yarahanwe.

Muri ibi bitabo by'amateka tubwirizwa gushakamo ingero n'imbuzi. (1 Abakorinto 10:11) Nk'uko kwizera kwa Yosuwa ari urugero kuri twe twakurikiza kutumvira kwa

Akani ni imbuzi kuri twe twakwirinda. Iyo Imana itunze urutoki icyaha kiri mu buzima bwacu, tugomba kwica icyo cyaha kugira ngo imigisha y'Imana igaruke ku buzima bwacu (Abakolosayi 3:5, 6 Abaroma 8:13). Tubona iyi myifatire yo mu mwuka ishushanywa mu mbuzi y'ubuzima bwa Akani.

ISI, UMUBIRI NA SATANI

Kuva twabwirwa ko tutagomba gukunda isi cyangwa iby'isi, mu gihe cy'ibinyejana imitima yinangiye yabonye icyitegererezo cy'isi mu buzima bwa Akani w'i Yeriko. Gutsindwa kwabo gufatwa urugero rw'umubiri. Yesu yavuze atya: "Umutima urakunze ariko umubiri urananiwe."(Matayo 26:41) Umubiri ni kamere ya muntu idafashwa n'Imana. Kuva umubiri udutera gutsindwa kwacu ko mu mwuka, ukaneshwa kwa Ayi kubonwa ikimenyetso cy'umubiri. Ubundi buzima bwa Isirayeli tubona mu gitabo cya Yosuwa ni ikimenyetso kigaragaza umwanzi wa gatatu wo kwizera, ari we Satani. Ubu noneho, abana ba Isirayeli bari bagiye guhura n'ubwoko bwitwa "Abagebiyoni" nka Rahabu, Abagebuyoni bamenye ko ubwoko bw'Abisirayeli bagendaga muri Kanani yose bica buri muntu.

Bari bazi ko bagiye gupfa maze babeshya Abisirayeli bakubise inkweto zabo ku bitare kugeza ubwo zisa nkizishaje banagira imyenda iba nkiyashaje kuva kera. Nubwo hari hari abantu babaga muri icyo gihugu bagombaga gufatwa, bigize nk'abantu bavuye mu gihugu cya kure.

Abisirayeli bakoranye amasezerano n'ubu bwoko batabanje kubaza Imana. Abagebuyoni barabinginze bati: "Reka twihute. Ntabwo turi ab'i Kanani. Turi aba kure, kure cyane. Biteranya n'Abigebuyoni. Bamaze kwihuza na bo, abana ba Isirayeli basanze ko Abagebuyoni batari aba kure, ahubwo bari ab'i Kanani. Kuko bari bihuje n'Abagebuyoni kuko ubwoko bwatoranyijwe bwagiraga ubunyangamugayo, ntibabashije kubica. Babagize abaja ba bo. Abagebuyoni basohoza ikimenyetso cy'abanzi bo kwizera mu gitabo cya Yosuwa. Umwanzi wacu wa mbere wo kwizera kwacu, ari we isi ashushanywa n'i Yeriko. Inkuru ya Akani ni ikimenyetso gishushanywa kwifuza kwacu kw'iby'isi. Ni muri ubwo buryo yifuje imyambaro, zahabu n'ifezo, twifuza iby'isi bikadukura ku Mana.

Kuneshwa na Ayi guhagarariye umubiri. Yesu yaravuze ati: "Umutima urashaka, ariko umubiri urananiwe."(Matayo 26:40-42) Kuva abana ba Isirayeli batarafashe Ayi mu buryo bukomeye, banesherejwe Ayi. Byabaye gutyo kugeza aho byagezeaho bagatinya abo muri Ayi, ubwo nibwo bashoboye kunesha umwami wa bo. Ni muri ubwo buryo, dusuzugura icyo Bibiliya yita umubiri wacu. Umwuka yanesha umubiri mu gihe twamenye ko kamere yacu ya muntu

idafashijwe n'Imana ari umwanzi ukomeye wo kwizera kwacu. Ntuzigere usuzugura ingaruka umubiri wawe wagira ku rugendo rwawe rwo kwizera!

Abagebuyoni bageze ku ntego yabo babeshya Abisirayeli. Umwanzi akora muri ubwo buryo. Mu ndirimbo nziza, Martin Luther yanditse kuri Satani yavuze ati: "Ubwenge bwe n'imbaraga ze birakomeye." Satani ni malayika w'umucyo. (2 Abakorinto 11:14) Ntadutera kugwa adushukisha gukora ikintu giteye ubwoba. Akenshi adusanga mu ishusho y'ikintu cy'i gikundiro, cyiza. Niba Imana irimo kuguhamagarira kuba umumisiyiyoneri w'umuganga, umwanzi ntagushukisha kujya gusahura banki. Azagushukisha kuba umuganga mwiza mu gihugu cyawe. Niba Imana ishaka ko tuba abamisiyoneri b'abaganga, uwo ni wo mugambi mwiza Imana idufitiye. Satani akora kugira ngo dukore ikintu cyiza aho gukora icyiza cyane kiruta icyiza. Yosuwa igice cya 6 kugeza ku gice cya 9 haduha ishusho y'aba banzi batatu bo kwizera kwacu: isi, umubiri na Satani.

Ahasigaye ho mu gitabo cya Yosuwa, ubonamo ibindi bimenyetso byinshi itubwira kwizera. Ubuzima bwa Yosuwa na Kalebu buduha "umwirondoro mwiza wo kwizera." Umwe mu bagabo bakomeye bo kwizera muri Bibiliya ni Kalebu. Ni we wazanye ya nkuru nziza ari kumwe na Yosuwa. Kalebu ntiyigeze areka inzozi ze. Igihe cyose babaga bazenguruka mu butayu areba abantu bataka barizwa n'inyota, Kalebu yakomeje gutekereza imizabibu yari yarabonye igihe we na Yosuwa bari abatasi mu murwa w'i Heburoni.

Ba batasi bandi bari inzobere mu "kureba ibihangange nk'uko twabivuze igihe twigaga igitabo cyo Kubara. Kalebu yabonye ibihangange, ariko yamenye ko Imana ye ari nini kurusha ibyo bihangange. Bageze mu gihugu cy'i Kanani, Kalebu yafashe kandi atunga umurwa w'i Heburoni, ukaba wari umurwa Mose yari yaramusezeranije.

Mu gitabo cya Yosuwa kandi harimo "umwirondoro mubi wo kwizera." Hejuru y'abo batasi icumi batari bafite kwizera mu buryo bugaragara, kuba abana ba Isirayeli barananiwe gufata ibihugu byose by'i Kanani nk'uko Imana yari yabibategetse, bigaragaza umwirondoro mubi wo kwizera. Iyo bubahiriza umugambi w'Imana, ntitwari kuba tugiye gusoma mu gitabo gikurikiraho cyo muri Bibiliya ko bagizwe abacakara incuro zirindwi n'ibyo bananiwe gufata. Ishusho ya nyuma yo kwizera tubona mu gitabo cya Yosuwa ishobora kwitwa "umwanzuro wo kwizera." Yosuwa yahize ubwoko bwe kwemeza kwizera kwabo bagirana isezerano n'Imana. Urugero, yaravuze ati: "*Jye n'inzu yanjye tuzakorera Uwiteka*." (Yosuwa 24:15) Yosuwa yafatanije kwizera kwe n'isezerano.

Yarabimenyekanishije ko we n'inzu ye bazashyira Imana imbere bakayikorera. Yosuwa amaze guhiga ubwoko bwa bo ngo na bo bagire iryo sezerano, barabikoze maze baravuga bati: "Duhisemo gukorera Imana no kuyishyira imbere." Yosuwa abyandika avuga atya: "Mana ube umuhamya w'ibi. Mukoze isezerano uyu munsi ko mugiye gushyira Imana imbere kandi ko mushaka gukorera Imana."(Yosuwa 24:14-16)Igitabo cya Yosuwa cyanzura giha inshingano ubwoko bw'Imana nk'uko Mose yabikoze ku musozo w'ibitabo byo Gutegeka kwa Kabiri n'Abalewi. Mose na Yosuwa baduhiga gukuraho ibibazo byo kwizera twiyemeza gushyira Imana imbere mu buzima bwacu.

Ese wari wigera ukuraho ibibazo byo kwizera ukaniyemeza kuba umwizerwa ku Mana? Wari wiyemeza mu mutima wawe ko wowe n'umuryango wawe muzashyira Imana imbere mugakorera Imana imwe kandi yonyine y'ukuri? Egeranya imyirondoro myinshi yo kwizera twavuze muri iki gitabo cy'amateka cyo mu Isezerano rya Kera. Utekereze witonze ku kintu iki gitabo cyo kwizera cyanzura. Hanyuma, ureke Umwuka Wera akuyobore kwiyemeza no gushyiraho isezerano ryo kwizera wabonye risobanurwa mu gitabo cya Yosuwa.